Mugabo, Ese Iki Ni Ikimenyetso cy'Imperuka?

Jeffersonville, Indiana, USA
30 Ukuboza 1962

1 Murakoze cyane, Mwene Data Neville. Umugoroba mwiza, nshuti zanjye zihenze. Mfite amahirwe cyane uyu mugoroba kongera kuba k'umurimo w'Umwami Imana yacu. (Uyu ni... Ni ibyo, yoo yego! Ni byiza.) Nabatindanye cyane iki gitondo ku buryo numva ko biri bube ngombwa ko nihuta uyu mugoroba. Yoo! mbega ukuntu byari biteye ubwoba ko mwagombye kuguma guhagarara! Kandi ni ikintu kimwe uyu mugoroba. Ariko Ntituzatinda kubatunganyiriza umwanya, murabona - urusengero rukirangira.

Ntidufite intego yo gutinda cyane uyu mugoroba, ariko ejo nimugoroba turatekereza kugumaha igihe runaka. Niba bamwe muri mwe bashobora kuza ejo nimugoroba, noneho, twiteze kugira ibihe bihebuje mu Mwami. Hazaba hari abagabo badasanzwe aha ejo nimugoroba... Twese tuzagira ibihe byiza. [Umuntu avugisha mwene Data Branham. - N.D.E.] Tuzagira igikorwa cyo gusangira saa sita z'ijoro ejo nimugoroba. Ndahamya ko bizabashimisha kuba muhari. Mu gihe abandi bazaba bakora ubukwe, basakuza, barasa, banywa, n'ibindi, tuzaca bugufi mu kubaha imbere y'Imana, tuzakora igikorwa cyo gusangira; noneho tuzatangira umwaka dufata ibyemezo, duha imitima yacu Imana.

Hazaba hari intyoza mu kuvuga aha ejo nimugoroba, nta gushidikanya... Mwene Data w'i Georgie ari hano, mwene Data Palmer, intyoza mu kuvuga ihebuje. Mwene Data Junior Jackson azaba ari aha ejo nimugoroba, mwene Data Neville, yoo! yoo yoo! n'abandi na none. Abantu b'abanyamwete b'Imana bazaba bari aha. Mwene Data Willard Collis n'abo bene Data bose bazanye ubutumwa bukomeye cyane; kandi birashoboka ko n'abandi bazinjira, bari mu rugendo. Ku bw'ibyo dutegereje kugira ibihe bihebuje ejo nimugoroba.

2 Umugore wanjye yaravuze ati "Ntuzabivuge by'umwihariko!", ariko ngomba kubivuga mu buryo bwose. Ndicuza kuba muri iki gitondo navuze nti "ubwami bw'abami." Billy, wari wicaye aho inyuma, yaravuze ati "Nguwo yajyiye!"

Naravuze nti "Ubwami bw'abami... Hagomba kuba ubwami bw'abami." Nashakaga kuvuga umusifuzi. Meze nk'uko bavuga ibijyanye n'Umuholande, murazi "Ntimuzamfate ku byo mvuga, ahubwo icyo nshaka kuvuga." Ubwo naravuze nti "Ndatekereza ko banyumva nyuma y'iyo myaka yose."

Murazi, ibyo bimaze hafi... Ibyo bimaze imyaka mirongo itatu mpagaze inyuma y'uru ruhimbi, aha; imyaka mirongo itatu muri iki Gicaniro. Mwakagombye kumenya kuva muri icyo gihe cyose, si byo? Yoo! yoo yoo! Amashuli yanjye afite aho agarukira nta gushidikanya. Sinshobora kuvuga, ariko, ku bw'Umwami, nkora urusaku rw'ukuri.

3 Mwene Data. . . Nizera ko yari dogiteri Lamsa, wa Bibiliya Lamsa, mu busobanuzi, wavugaga ati. . . Rimwe, narabwirizaga kandi sinari nzi ko yari aho. Yaje kundeba, noneho ambwira ibya urimu - tumimu; kandi mu gihe yavugaga iby'urwo Rumuri, arambwira ati "Ni iki kiba kuri abo bantu uyu munsi?" Noneho ndavuga nti. . . Yongera aho ati "Impamvu abantu, abasobanuzi, batashoboye gusobanura Bibiliya neza, ni uko bageragеje gusobanura mu rwego rwo hejuru ikiyidishi (ururimi rw'abayuda), mu gihe Yesu yavugaga imvugo ya rusange, nk'uko abantu bo mu muhanda baruvugaga."

Murazi, hari umurongo mu Butumwa bwiza bwa Luka uvuga ko "Abantu boroheje bamwumvanaga iby'ibyishimo." Yavugaga mu mvugo yabo. Niringiye ko ari ko bimeze na none.

4 Dufite amahirwe yo kuba dufite Umwami. Noneho, nzi... Ndabona abo badamu bahagaze impande zose. Birababaje cyane kubona abantu bahagaze, mu buryo bukomeye igihe abakobwa bato, abahungu n'abadamu, ndetse n'abana bato, bagomba guhagarara begamiye izo nkuta. Ntidufite umubare uhagije w'ibyicaro. Ubwo, turasaba ko inshuro itaha tuzahura, nyuma y'iki cyumweru, nyuma y'iyi nshuro. . .

Murazi, ikintu gikurikiyeho twateguye, mu rwego tubiziho, ni ibi Bimenyetso Birindwi. Kandi, Imana nibishaka, tuzatangirana na byo urusengero rukirangira, cyangwa kubakwa, kugira ngo dushobore kwinjira aha. Tuzongera twitange, noneho wenda kuva ku cyumweru kimwe kugera kuri bibiri, kugeza ku byumweru bitatu bikurikirana by'amateraniro ku bw'Ibimenyetso Birindwi. Ni ukuvuga ko dutegereje ko byaba noneho igihe gihebuje. Kandi, mwe mwese muturutse hanze, tuzabohererezа amakarita n'ibindi byose, wenda mbere y'icyumweru kimwe cyangwa bibiri, kugira ngo tubamenyeshe itariki y'ukuri.

Ku bijyanye n'ibyo Bill yavuze uyu mugoroba, nizeye ko numvise ko umwubatsi azaba yararangije icumi gashyantare. Noneho, narangiza itariki icumi, ubwo noneho tuzatangira ahagana cumi n'eshanu. Bakirangiza, tuzatangirana na byo uwo mwanya.

5 Mushiki wacu w'umucyecuru Kidd, wampamagaye hashize igihe, yarimo arira mu buryo bufatika. Yaravuze ati "Mwene Data Branham, twagerageje mu buryo bwose gutuma iyi vatiri ishaje igenda, ariko ntitwabishoboye." Noneho, yaravuze ati "Musenge kugira ngo ihaguruke, kandi nzaza ejo." Yongeyeho ati "Ndibaza niba nzashobora kubona ahantu ho kurara."

Naravuze nti "Ntimuhangayike, tuzababonera icyumba, mushiki wacu Kidd, igihe muzaba muri aha."

Yaravuze ati “Muhabwe umugisha.” Yongeyeho ati “Murazi, niba mufite imirimo kugeza saa sita z'ijoro, nsinshaka gusohoka saa sita z'ijoro.”

Murazi, we na mwene Data Kidd bafite hafi imyaka mirongo inani n'itanu buri umwe, kandi baracyari mu bukozi. Muzi icyo bakora? Bafashe icyuma gifata amajwi, noneho bafata ubutumwa bwanjye noneho bakajya mu bitaro ku bitaro, inzu ku nzu, kuhakinira bande. Ngicyo icyo dushobora kwita kudatererana, cyangwa kutajya mu zabukuru. Ahubwo ni ukurinda kwizera kugeza ku iherezo kandi ugapfana Inkota mu kiganza. Ni gutyo bigomba kugenda. Ni muri ubwo buryo nifuza gukora.

6 Noneho nyuma yaravuze ati “Murazi, nsohotse kuri iyo mihanda minini nimugoroba kugeza saa sita z'ijoro, ni ko yavuze, cyangwa nyuma ya saa sita z'ijoro, kugira ngo ngerageze gutaha iwanjye, noneho nkabona ayo mashitani yose yasinze, ni ko yavuze, atwaye, ni ko yavuze, biruka mu byerekezo byose nyuma yo kunywa, ni ko avuga, ayo madayimoni yiruka aha na hariya, nakwincwa n'ubwoba.”

Mwene Data Pat, ni mu by'ukuri. . . ikiremwa gito gikennye. . . Ni bangahe bazi mushiki wacu Kidd? Ni umuntu ushikamye cyane.

Mutekereze gusa muti: Imyaka myinshi mbere yo kuvuka kwanjye (kandi ndi umuntu ushaje), yari aho hejuru muri iyo misozi, we na mwene Data Kidd. Yafuriraga umunsi wose aho bafurira kugira ngo abone amasantime mirongo itandatu cyangwa mirongo inani kugira ngo amwohereze nimugoroba kubwiriza ahantu runaka, nk'urugero muri bimwe mu birombe by'amakara, aho hejuru muri Kentucky, aho umuntu yagombaga kubarinda hamwe n'imbunda mu gihe muzamuka umusozi aho mujyiye kubwiriza. Yoo! yoo yoo! Noneho ndatekereza nti:

Ngomba gutwarwa mu Rugo mu ijuru ku buriri

bwo kugubwa neza butatse indabo,

Mu gihe abandi barwanye kugira ngo baronke

igiciro kandi bakagashya banyuze mu Nyanja

y'amaraso?

Ngomba kurwana niba nshaka kuganza; Ongera

umwete wanjye, Mwami. . .

Kandi ndifuza ubufasha Bwe mu Ijambo Rye. Ni cyo nifuza uyu mugoroba.

7 Noneho, ndacyeka ko ibyuma bifata amajwi biri gukora. Yoo! yego, mbabarira. Mushiki wacu ukiri muto yari afite umwana aha iki gitondo yashakaga ko twashyira mu biganza by'Imana. Namubwiye ko turi bubikore neza uyu mugoroba. Noneho, ejo nimugoroba tuzagira igikorwa cyo gushyira mu biganza by'Imana abana, umurimo wo gukiza n'ibizadushobokera byose gukora. Tuzagira igihe cyinshi. Ndetse niba mushiki wacu ukiri muto ari aha, afite umwana we. . .

Kandi nari ntegetswe kwakira abantu bavuye kure cyane, kandi bari aha iki gitondo ku bw'ikiganiro cy'ibanga kandi. . . ku bw'ikintu runaka. Kandi bari bategetswe kuba bahari icyo gitondo, kandi Billy yagombye gutuma bategereza kugeza uyu mugoroba. Kandi nta hantu ababona uyu mugoroba, murabona. Niba muri aha mushiki wacu. . . nagarutse aho, nta gihe kirekire gishize, nategereje kugira ngo ndebe niba yari bushobore kubona uwo mudamu. Hari babiri muri bo, ndatekereza, baturutse hanze ku bw'ikiganiro cy'ibanga. Ndetse dufite ibyiringiro ko niba mbabuze, nzashobore kumva. . . rwose mu kanya gato gashoboka, wenda ejo nimugoroba tuje.

8 Noneho, nizeye ko . . . Ese ni umudamu wazanye n'umwana muto mu mupira w'ubururu? Umupira. Meda, si cyo nshaka kuvuga, mukunzi - icyo ari cyo cyose. Ni nk'ikanzu ntoya cyangwa ikintu cy'ubwo bwoko. Umupira. Ni bangahe bazi icyo umupira ari cyo? Noneho, nta gushidikanya. Ku bwanjye, ni umwitero usaje. Noneho, ni umwana muto wa Dallas. Yoo! yoo yoo! ni byiza, mwene Data, mwakwemera kwigira imbere. Mumbabarire.

Noneho, byiza, nkunda mu by'ukuri icyo gitambaro gito aho mushyira ku... Ni gute yitwa? Rebecca Lyne... L-y-n-e. Noneho izina ryanyu ry'umuryango ni irihe? Sayban. Rebecca Lyne Sayban. Ese ni byo? Nshobora kumubona? Noneho ni iki... wakwemera kubibura? Si mwiza? Rebecca Lyne Sayban.

Uyu muryango warababaye cyane, uyu mudamu ukiri muto n'umugabo we bose bakijijwe mu gihe cya vuba kandi bazanywa mu kumenya Umwami. Kandi ubu hamwe no kubana kwabo, Imana yatanze uyu Rebecca mwiza muto, kandi bamuzanye ku Mwami.

9 Noneho, abantu benshi bita ikitagira iherezo - umubatizo w'abana. . . Mu Itorero ry'abametodisiti, no mu yandi menshi bajojoberezaho abana igihe bakiri bato. Noneho, ku bwanjye, ni byiza cyane. Ariko, twishingikiriza igihe cyose ku kuvuga gusa icyo Bibiliya ivuga gukora. Muri Bibiliya, ntihari. . . umubatizo

w'abana ntubaho. Nta hantu na hamwe mu mateka kugeza ku Itorero gatulika rya kera, kugeza ku - k'ubumenyi bwacu, ari bwo bwari ku bijyanye n'Ubutumwa bwiza... Rwose ni uburyo bwo kubivuga mu buryo bwose. Murebe, mukwiye ubusobanuro. Ndetse... Ariko muri Bibiliya, bazana abana bato kuri Yesu kugira ngo Abahe umugisha. Noneho Arambika ibiganza Bye kuri bo kandi abaha umugisha. Kandi tuguma gukomeza ibyo.

10 Noneho, twubike umutwe. Data wa twese wo mu ijuru, uyu mugore ukiri muto n'uyu mugabo ukiri muto bazanye n'uyu umwana muto Rebecca bahawe kugira ngo bamurere bamwigisha bijyanye n'Umwami, kandi bamuzanye uyu mugoroba kugira ngo bamushyire mu biganza by'Umwami. Nk'uko nyina yampaye uyu mwana muto Rebecca mu biganza bye, ku bw'ibyo nkuhaye uyu mwana muto Rebecca mu biganza.

Imana ibane na we kandi imuhe umugisha, ha umugisha se na nyina, bose bazarambe kandi bagira ubuzima bwa cyami. Kandi niba bishoboka kubona kuza k'Umwami Yesu, reka uyu mwana ashobore gukurira mu bumenyi bw'Umwami. Kandi ashobore, niba ejo hazaza hahari, azashobore kuba umuhamya ukomeye Wawe. Bitange Mwami.

Noneho, iyo Uza kuba uri aha ku isi, aba bagore n'aba bagabo bari bukuzanire abana babo. Ariko twe, abakozi b'Ubutumwa bwiza, turaguhagarariye. Tuguhaye uyu mwana ku bw'ubuzima bw'umurimo mu Bwami Bwawe, mu Izina ry'Umwana Wawe, Umwami Yesu Krisitu. Amina.

Habwa umugisha, mwana muto Rebecca. Mbega ikiremwa gito gituje! Umwami abahe umugisha mwembi mwese, kandi umwana arambe kandi agire ubuzima bw'umugisha mu murimo w'Imana.

11 Sinzi niba mfite imbaraga cyane. Ni umuhungu. Yitwa ngo iki? Daniel... Stanley Victor Cleveland. Umwana Stanley. Mbega izina rito ryiza! Mbega umuhungu muto mwiza! Noneho, ndatekereza ko mfite... Ndatekereza ko byaba byiza cyane ko... Bafite umuhungu mwiza... yooo! ni mwiza mu by'ukuri. Ntidukora ibi, ntidukora ibi rwose, murazi. Nta kwishushanya kuri ibyo. Nta gushidikanya ni inshuti nto nziza. Ni - nibagiwe izina ry'umuryango. Sintekereza ko nabivuze neza: Cleveland. Byiza cyane.

12 Twubike umutwe ubu. Data wo mu ijuru zana uyu mwana, umwana muto Stanley Cleveland, kugira ngo ashyirwe mu biganza by'Umwami Yesu. Kandi nk'umushumba w'iri torero, turi hamwe, mu bumwe mu murimo w'Umwami, tuguhaye uyu mwana ku bw'ubuzima bw'umurimo. Wamuhaye nyina na se, noneho ubu, baramumpaye, nanjye, mukuye mu biganza byanjye mushyira mu Byawe. O Mana, ha umugisha se na nyina, ha umugisha umuhungu muto. Azashobore kurama no kugira ubuzima bw'ihirwe mu murimo Wawe. Reka uyu mwana arerwe bijyanye n'amabwiriza y'Umwami ku bwo kugukorera, kugutinya no kugukunda ubuzima bwe bwose. Noneho, bakuzaniye abana kugira ngo Ubahe umugisha (mu gihe turambitse ibiganza byacu kuri uyu mwana), muhe umugisha mu Izina ry'Umwami, kandi ashobore kuramba no kugira ubuzima bw'ihirwe bw'ubuzima bwiza n'imbaraga ku murimo Wawe, mu Izina rya Yesu. Amina.

Imana iguhe umugisha, mwana muto Stanley. Mufite aho umuhungu mwiza.

13 Ubu ngiye gusabira amahirwe runaka abana n'ingimbi. Nzi ko bikomeye; ntimushobora guhagarara mu mahoro igihe kirekire cyane, kubera ko ingingo zanyu ntizumva. Ariko nzanye uyu mugoroba ikintu runaka ntigeze mvugaho mbere. Ngiye kuvuga ku kintu runaka ntigeze na rimwe ntekereza kuvugaho.

Ni yo mpamvu, iki gitondo, ntigeze nshaka gufata uwo mwanya mbere y'ubutumwa, kandi sinigeze ndangiza kuvuga ku Kidakuka cyanjye - ndatekereza ko ntazigera na rimwe ndangiza. Niringiye kutigera ndangiza. Birahebuje cyane.

Ariko, uyu mugoroba, ngiye kuvuga ku kintu runaka ntazi. Ni ikintu runaka ku mukozi kuvuga ko azavuga ku kintu runaka atazi. Ariko ndiyemeza aho imbere neza cyane bijyanye n'ubumenyi bwanjye, kugira ngo iri torero rishobore kumva. Sinshaka nta rwitwazo urwo ari rwo rwose kugumana ikintu runaka cyabagirira akamaro.

14 Nyuma, aka gatsiko. . . Ndakeka ko abahungu barimo gufata amajwi. Kandi bibaye, ku bw'amahirwe, mukabona iyi bande (umuntu wese wumva iyi bande), mwibuke: niba ikintu runaka kibabangamiye, ntimuzakivuge, keretse kitari kuri bande! Ntimuzavuge ikintu gitandukanye n'ikiri kuri bande!

Abantu benshi baranyandikira ku bijyanye n'Urubyaro rw'Inzoka, kandi bakavuga ko navuze iki na kiriya. Nshaka bande, nkongera nkayumva, kandi nkabona ko ntabivuze muri ubwo buryo. Murabona, abantu bamwe bumva nabi ibintu bimwe.

Murazi, umunsi umwe, nyuma y'umuzuko We, Yesu yagendanaga n'intumwa ku nkombe, kandi Yohana yari yegamye ku gituza Cye; noneho barabaza bati "Ni iki kizaba kuri uyu mugabo?"

Yesu yaravuze ati "Abayeho kugeza Nje, bigutwaye iki?" Kandi aho, inkuru irakwira ko Yohana yagombaga kubaho kugira ngo abone Yesu agarutse. Ibyanditswe biravuga biti "Nyamara, Yesu si gutyo

yari abivuze."

Murabona, Ntiyigeze abivuga. Yaravuze gusa ati "Abayeho kugeza Nje, bigutwaye iki?"

Ntiyigeze avuga ko azabaho, ariko biroroshye cyane kumva nabi.

15 Noneho, si uko nciraho umuntu urubanza kubikora, kubera ko nanjye mbikora ubwanjye; umuntu wese arabikora. Niba intumwa, zagendanye n'Umwami wacu Yesu, zaramwumvise nabi - kandi ntibigeze bamwumva neza. . . Neza ku iherezo, baravuze bati "Noneho, turumvise! Noneho, turizera, kandi turemera ko nta muntu ugomba kukubwira ikintu icyo ari cyo cyose, kuko Uzi ibintu byose."

Yesu arabasubiza ati "Noneho murizera? (Murizera?) Ese birangiye. . . nyuma y'iki gihe cyose, mwe. . . Byarangiye mubyumvise, kugira ngo mwizere?"

Ni ibya kimuntu gusa, kandi twese turi abantu. Tuzumva nabi ibintu bimwe, ariko niba ibyo bibateye urwijiji mo, muzongere mukine bande. Mwumve noneho mwitonze. Ndahamya ko Umwuka Wera uzabibahishurira.

16 Noneho, mwe, abana, niba mushaka neza kongera gufata "Amina" yanyu - mwe, abana. Mutegereze rwose umwanya muto, kuko nsha - nshaka ko ibyo byumvikana neza, kubera ko benshi batazabona bande. Ubwo, ndashaka ko mumenya ko mubyumva. Tubitangire, navuga mu gihe cy'iminota mirongo itatu n'itanu na mirongo ine, no mu kubaha gushoboka, kubera ko ari igihe gihebuje kuri njye. Ni aho ikintu runaka cyabereye, kandi sinzi icyo gukora. Ndi mu mimerere iteye ubwoba cyane ntigeze menya, ku bumenyi bwanjye, mu gihe cy'ubukozi bwanjye. Noneho, twubike ubu umutwe, mbere yo gutangira Ijambo.

17 Data wo mu ijuru, hashize igihe runaka mbwirije ku nsanganyamatsiko yitwa Gucyeka. Gucyeka, ni ukwiyemeza nta butware. Wenda, uyu mugoroba, Mwami, nihaye gusobanurira abantu ikintu runaka ntabigizeho iyerekwa. Noneho, Mwami, uzancyahe aho ngomba gucyahwa. Uzafunge umunwa wanjye, mwami. Wafunze umunwa w'intare yari iri mu rwobo hamwe na Daniyeli, kugira ngo itamugirira nabi. Mwami, ndasaba ko, niba nagombaga gusobanura nabi ikintu runaka, Ufunge umunwa wanjye, nk'uko Ubufiteho igihe cyose ubushobozi. Ariko, niba ari ukuri, noneho, Mwami, gihe umugisha kandi ugikwirakwize. Uzi uko ibintu bimeze n'ibyenda kuba. Ni yo mpamvu nje kuri uru ruhimbi, ndetse muri iyi saha ya nyuma, kugira ngo ngerageze gusabanura ibi bintu. Ndagusaba kudufasha.

18 Ha umugisha uru Rusengero ruto - iri tsinda ry'abantu riteraniye munsi y'iki gisenge kandi ribana aha natwe muri uyu mujyi, rituruka muri Leta nyinshi. Yoo! igihe ibicucu by'umugoroba biguye, dufite amahirwe cyane yo kugira ahantu tuza. Igihe isi ifite ibibazo cyane kandi ikaba itazi aho iri, dufite amahirwe yo kumenya ko Izina ry'Umwami ari Umunara ushobora byose, kandi abakiranutsi binjiramo kandi bari mu mutekano. Si ukugira amagambo menshi, ahubwo ni uguhishurirwa.

Noneho turagusabye, Data, nk'uko umucyo w'umugoroba ujya mu kurenga kw'izuba; twizera ko ari igihe turimo: mu kurenga kw'izuba. Turagushimira mu kubaha cyane, Mwami, n'umutima wacu, ku byo Wadukoreye. Mwami, muri iki gisekuru, ndagushimira kuba waremeye ko amayerekwa Watanze. . . buri rimwe muri yo mu buryo bwuzuye cyane; kandi buri busobanuro bw'inzozi bwabaye neza muri ubwo buryo. Noneho, tuzi ko ibyo bitashoboraga kuba Wowe gusa, Mwami, kubera ko twambaye imibiri ipfa, yose yavukiye mu cyaha, kandi nta kintu na kimwe kiza muri twe.

Ariko gutekereza ko Washoboraga gufata ikintu nk'ikiremwa muntu, kandi ukamwoza mu Mazi y'Ijambo kandi n'Amaraso ya Krisitu, kandi ukarambura iki Kiganza mu buryo runaka umuntu atongera gukoresha igitekerezo cye bwite, ahubwo akareka hakinjira Igitekerezo cya Krisitu, uzi ibintu byose.

Kireke kinjire kandi kivuge, kandi ukoreshe igicaniro. Urakoze, Data.

19 Noneho, dushimiye Izina Ryawe Ryera. Dushimiye iri tsinda rito, uyu mugoroba, mu Izina Ryawe. Dushimiye umushumba, mwene Data Neville, uyu mukozi w'umunyamwete w'Imana. turashimira abadiyakoni, abayobozi na buri rugingo rw'Umubiri wa Krisitu, icyarimwe aha n'ahandi hose ku isi, mu Izina ry'Umwami Yesu.

Yoo! mbega ukuntu tubona iki gicucu cy'umukara kandi giteye ubwoba kigwa imbere y'ubukirisitu, tuzi ko igihe cyegereje. Hazabaho umuzamuko, kandi Itorero rizazamurwa. Mwami, tureke dukomeze kwigira imbere, tureba ku Muremyi n'Uwuzuza, Krisitu. Bitange, Mwami; kandi, nk'uko ubu twigira imbere mu Izina ry'Umwami Yesu, kugira ngo dutangire icyashyizwe ku mitima yacu, turagusaba kubana na twe no kudufasha. Icyubahiro cyikugarukire, Mwami. Kuko twishyize muri Wowe, hamwe n'Ijambo Ryawe, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

20 Noneho, niba mufite ikaramu y'igiti n'urupapuro, ndashaka ko mwakwandika ibintu runaka cyangwa icyo muri bushake; gusa mubifate byiteguye. Na none, mwe mwumva bande, kugira ngo mushobore mu gihe cyose, niba mubyifuza, kwandika imirongo runaka ya Bibiliya, kubera ko nizeye ko ari Ibyanditswe

bifite agaciro.

Noneho, turashaka gusoma inyandiko uyu mugoroba, cyangwa gusoma umurongo umwe w'Ibyanditswe, mu Gitabo cy'Ibyahishuwe bya Yesu Krisitu. Nizeye ko ari Ibyahishuwe bya Yesu Krisitu, nk'uko byanditse mu Gitabo. Kandi guhishurwa kundi kose gutandukanye n'uku guhishurwa ni ikinyoma. Nizeye ko ari byiza ko nabisubiramo. Guhishurwa kose kutazemeranya n'uku guhishurwa kandi ntukuzane ibi ku mucyo ni uguhishurwa kw'ikinyoma. Bigomba kujyana n'ibyanditswe.

21 Noneho, ku gice cya 10 cy'Ibyahishuwe bya Yesu Krisitu, ndashaka gusoma imirongo runaka ya mbere, imirongo irindwi ya mbere - 1 kugeza kuri 7. Noneho, mwumve mwitonze, kandi munsengere.

> *Mbona marayika wundi ukomeye amanuka ava mu ijuru yambaye igicu, umukororombya uri ku mutwe we, mu maso he hasa n'izuba, ibirenge bye bisa n'inkingi z'umuriro.*
>
> *Mu ntoki ze yari afite agatabo kabumbutse. Nuko ashyira ikirenge cye cy'iburyo ku Nyanja, n'icy'ibumoso agishyira ku butaka.*
>
> *Arangurura n'ijwi rirenga nk'uko intare yivuga, avuze iryo jwi rirenga guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuga amajwi yako.*
>
> *Kandi guhinda kurindwi kw'inkuba kumaze kuvuga, nari ngiye kwandika nuko numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti "Iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike."*
>
> *Marayika nabonye ahagaze ku Nyanja no ku butaka amanika ukuboko kwe kw'iburyo, agutunga mu ijuru kandi arahira Ihoraho iteka ryose yaremye ijuru n'ibirimo, n'isi n'ibiyirimo ati "Ntihazabeho igihe ukundi:*
>
> *Ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye nk'uko yabwiye imbata zayo ari zo bahanuzi."*

Noneho inyandiko yanjye (niba ari gutyo nagombaga kuyita) uyu mugoroba, ni Mugabo, ese iki ni ikimenyetso cy'iherezo?

22 Twese tuzi ko turi - mu gihe gihebuje ku Itorero, ariko igihe giteye ubwoba ku mutizera. Turi muri kimwe mu bihe biteye ubwoba cyane kurusha - ibyabayeho byose kuva ku ntangiriro y'isi. Nta muhanuzi n'umwe, nta ntumwa n'imwe, mu gihe na kimwe, wigeze ubaho igihe nk'igihe turi mo ubu. Ni iherezo.

Byanditswe mu ijuru. Byanditswe ku buso bw'isi. Byanditswe mu binyamakuru. Ni imperuka, niba mushobora gusoma ibyanditswe n'intoki. Abahanuzi babayeho ubwo inyandiko yari ku gikuta ku bw'ihanga runaka; na twe turi mugihe inyandiko iri ku gikuta kubw'igihe. Amahanga yose, isi yose, byose, igihe cyarangiye. Tugomba gusuzuma ibyanditswe kugira ngo tumenye igihe tugezemo.

23 Umuhanuzi w'ukuri w'Imana azashingira igihe cyose ku Byanditswe. Ku bw'iyo mpamvu, ni ibitagibwaho impaka ko ari ko bizamera. Mu Isezerano rya Kera, igihe abahanuzi bavugaga ikintu runaka, igihe cyose ahantu runaka habaga hari umuhanuzi hamwe n'Ijambo, wagumanaga n'Ijambo. Ategereza Imana ku bw'amayerekwa. Kandi iyo iyerekwa rye ryabaga ritandukanye n'Ijambo, ubwo ryabaga ari ikinyoma. Ni uburyo Imana ikoresha kugira ngo izane Ijambo Ryayo ku bwoko Bwayo.

(Mushobora kunyumva, aho imbere? Byiza cyane.) Sinzi neza cyane aho gutangirira. Noneho, ibyo byambereye amahirwe akomeye kumenya ko iki Gicaniro cyabaye urusengero rwanjye rwa mbere. Birahabuje. Sinzabyibagirwa na rimwe, nubwo na. . . Yesu akererewe, noneho nkabaho imyaka amajana, nzibuka umunsi nashyizeho ibuye rikomeza imfuruka, aho mu nguni, n'iyerekwa Yampaye icyo gitondo, rijyanye n'icyo Gicaniro. Murabyibuka mwese. Byanditse muri Bibiliya. Ibi byasoheye neza nk'uko byavuzwe. Nta n'ikintu gito cyane cyabuze.

24 Noneho, sinizera ko haba hari ikintu runaka Yaba yaravuze, mu gihe cy'iyi myaka yose y'ubuzima bwanjye, kandi nabwiye abantu, kitasohoye. Kandi abantu benshi baje bafite inzozi, Yanyemereye, mu buntu Bwe, gusobanurira abantu. Kandi abantu benshi baje bafite inzozi n'ibibazo ntari nshoboye gusobanura.

Ariko sinashatse kubereka amayeri afite ibisubizo byose. Nagerageje kuba indakemwa no kubabwira icyo ukuri ari cyo, kandi nashoboraga kubibabwira gusa nk'uko We yabimbwiraga. Noneho nyuma, uko ibyo byanzagaho, nashoboraga noneho kubibabwira.

Ndashaka kubaburira. Muri uyu munsi turimo, hari benshi. . . Si uko twavuga ikintu icyo ari cyo cyose turwanya abantu ariko, iyo mubonye umuntu runaka ufite igisubizo kuri byose, ibyo bihabanye n'Ijambo.

25 Yesu yaravuze ati "Hari ababembe benshi mu gihe cya Eliya, ariko umwe gusa yarakize." Mu gihe cy'imyaka myinshi, imyaka mirongo inani cyangwa kurenga, y'ubuzima bwa Eliya, umubembe umwe

yarakize. Hari abapfakazi benshi mu gihe cya Elisa, ariko yoherejwe gusa kuri umwe. Kandi turabona ko hari ibintu byinshi Imana ikora Idahishurira abagaragu Bayo; kandi nta mugaragu n'umwe uruta Shebuja we. Kandi ndetse, Imana ntizasangira icyubahiro Cyayo n'umuntu. Ni Imana. Iyo umugaragu ageze ku rwego agerageza gufata umwanya w'Imana, ubwo Imana ifata ubugingo bwe, kandi igakuraho ubuzima bwe kandi ikabwohereza ahantu runaka, cyangwa ikintu runaka cy'ubwo bwoko. Tugomba kubyibuka.

26 Noneho, muri ayo mayerekwa n'insobanuro. . . Sinshobora gutanga ubusobanuro bw'inzozi, mbere yuko mbona neza, binyuze mu iyerekwa icyo inzozi ari cyo. Benshi muri mwe bazi ko mwambwiye inzozi zanyu, ariko mukaba mutaranazivuze zose. Kandi iyo nongeraga kuzibona, narahindukiraga noneho nkababwira ko mwakuyeho byinshi, nyuma noneho nababwiraga ibyo mwakuyeho. Muzi ko ari ukuri. Niba ari ukuri, muvuge "amina". Ibintu mutambwiye. . . Ku bw'iyo mpamvu, murabona, niba - ni nk'uko Nebukadinezari yavuze ati "Niba mudashobora kumbwira icyo narose, noneho ni gute nzamenya ko mugifitiye insobanuro."

Ariko ibyo byiyumviro byose, ntitugomba kubiha agaciro no kuvuga tuti " NI KO UWITEKA AVUZE" Ntitugomba kubikora. Tugomba kugira ijwi riziyeho, igisubizo cy'Imana, mbere yo kuvuga ko ari Imana; si ikibazo cy'ibyo umuntu yumva. Si ikibazo cy'ibyiyumviro. Uko byaba biteye ubwoba kose; birashoboka ko mwavuga muti "Nizera ko ibyo byashobora kuba gutyo", ariko, iyo muvuze muti "NI KO UWITEKA AVUZE", si mwe. Mwitegereze ku ruhimbi.

Mwigeze mubibona bitsindwa? Ni NI KO UWITEKA AVUZE irera. Ibyo ntibyigeze bitsindwa na rimwe. Igihe cyose ari NI KO UWITEKA AVUZE, ibyo ntibishobora gutsindwa.

27 Ariko, kugeza ubu, Yarandinze, kubera ko namutegereje. Sinagerageje gushakisha kwamamara cyangwa icyubahiro cy'ubusa cy'abantu. Nagerageje uko nshoboye kubaho mu buryo buciye bugufi no kubaho ubwoko bw'ubuzima, ntekereza, Umukirisitu yakagombye kubaho. Sinashoboye kubikora ku bwanjye, ahubwo We yarabikoze, kugeza uyu munsi. Nk'uko mvuga, Ni We wanyoboye.

Nshobora gukora ibintu byinshi, ariko ibyo byafata igihe kinini cyane. Mwese ibyo bintu murabizi. Impamvu imwe gusa nabasabye kuvuga muti "Amina" hari igihe, - mwe mwambwiye inzozi zanyu, nyuma naje kubabwira ibyo mwari mwakuyeho, - ni ukubera ko ubu butumwa bubitse ku byuma bifata amajwi. Abantu bo mu bihugu byose bazabyumva, kandi, igihe bazumva iyi "Amina", noneho bazamenya ko aho hari amajwi y'abantu bari munsi y'ubu bukozi, kandi babizi neza kurusha uko bakora ikintu runaka gipfuye cyangwa ahubwo bakuvuga bati "Amina" ku kintu gipfuye. Amina bisobanura bigende gutyo. Ni ikimenyetso cyo kwemera.

28 Noneho, mu gihe cy'ubuzima bwanjye bwose, kuva mu bwana bwanjye, hari ikintu cyambabaje. Nagize ubuzima budasanzwe cyane kandi bukomeye kumva. Ndetse n'umugore wanjye yishima umutwe kandi akavuga ati "Bill, sinizera ko umuntu yashobora kukumva."

Ndamusubiza nti "Nanjye ubwanjye simbyumva". Mu by'ukuri, niyeguriye - nihaye Krisitu hashize imyaka myinshi. Ni We uyobora. Sinshaka kubyumva. Njya gusa aho Anyoboye, uko mbizi kose.

Ndashimira kuba mfite umugore mwiza cyane n'abana beza cyane, kandi ndashimira ko bafite ikizere ko ntazigera mbabeshya kandi bizera. . . Buri nshuro tubabwiye ikintu runaka, bagihagararaho neza. Bazi ko nta kintu gipfuye nzababwira. Ubwo noneho, nabwira umwe mu bana b'Imana ikintu gipfuye? Oya, si mu bushake; oya, oya! Imana ishaka ko abana Bayo bagira imiterere myiza. Mube inyangamugayo n'abanyakuri kuri bo, kandi nizeye ko Azabiha umugisha.

29 Nyamara, mu gihe cy'urugendo cyose, ibintu byarabaye kandi sinashoboraga kumva. Kimwe mu bintu ntumvaga byari uko, igihe nari umwana muto, nakiraga ayo mayerekwa. Nagiraga amayerekwa, kandi nabwiraga ababyeyi banjye ibizaba. Batekerezaga ko nari mfite ibibazo mu mutwe. Ariko igitangaje, ni uko ibyo byabaga nk'uko byatangajwe. Muzavuga muti "Byari mbere yo guhinduka kwanyu?" Yego.

"Impano n'umuhamagaro ntibijya byicuzwa", ni ko Bibiliya ivuga. Mwaje ku isi ku bw'impamvu runaka. Kandi ntimu. . . Si ukwihana kwanyu kuzana impano; mwarazigenewe.

Nyamara, mu muhanda wose. . . Kandi igihe nari nkiri umuhungu muto, nifuzaga mu buryo bwaka. . . Sinari nyuzwe mu gace aho nari ntuye. Sinzi impamvu, ariko nifuzaga mu buryo bwaka kujya mu burengerazuba.

30 Bari barambaze igihe nari nkiri muto, nyuma yuko ndaswa. Igihe nagaruraga ubwenge nyuma y'ikinya cya mbere, natekerezaga ko nari mu mubabaro kandi ko namanukaga. Ikinya cyari cyatumye nta ubwenge. Nta kintu numvaga mu gihe cy'amasaha umunani ndatekereza. Bari bahangayikishijwe no kumenya ukuntu bazampembura. Bari bambaze cyane, nta penesiline. Amaraso. . . Amagaru abiri yari yaciwemo ibice no kurasa kw'imbunda urebye. . . Inshuti nto yasohoye isasu ry'imbunda.

Noneho nyuma, nyuma y'amezi arindwi hafi, banteye ikindi kinya, kandi, igihe nagendaga, natekerezaga ko nari mu nzuri z'uburengerazuba. Hari umusaraba ukomeye utatse zahabu mu ijuru, kandi

Icyubahiro cy'Imana cyakwirakwiraga kimurika, mu gihe nari mpagaze aho, gutya.

31 Igihe Umucyo mubona uyu mugoroba kuri iyi foto, isuzuma rya gihanga ryerekanye ko byari Ikiremwa kidasanzwe. . . Uko mbyumva, wari Umucyo umwe nk'uwakubise Pawulo. Ni Umucyo umwe wayoboraga abana ba Israel mu gihe cya nijoro. Mwabonye aha, uwo Marayika? Yari atwikiriwe n'igicu. Murabona, Yari igicu mu gihe cy'amanywa.

Nyamara, uwo Mucyo umwe. . . Abantu batumvaga batekereje bwa mbere ko byari ikinyoma, ko yari njye gusa wabivugaga. Ariko Umwuka Wera wakoze ku buryo aho haboneka ibyuma by'abahanga n'abantu bamufotoye inshuro nyinshi, kugira ngo bibe gihamya. Naravuze nti "Ndabona umuntu utwikiriwe n'igicucu cy'urupfu" - igicucu cy'umukara cyari kimutwikiriye.

32 Hashize imyaka runaka, mu gihe nari mu mujyi, no mu gihe twabwirizaga. . . Ntidutegetswe gufata amafoto, murazi, mu gihe tubwiriza. Kandi igihe. . . (Byari ikintu kimwe igihe iyi yafatwaga.) Ariko hari umuntu wari ufite icyuma gifotora. Noneho nabwiye umudamu wari wicaye aho, utazwi (Nari - i Southern Pines.), naravuze nti "Hari igicucu kuri uyu mukobwa Runaka. (Yari umudamu ntari narigeze mbona mu buzima bwanjye.) Muvuye na none kwa muganga, kandi mufite kanseri ebyiri, imwe kuri buri bere; kandi mwaranzwe. Mutwikiriwe n'igipfundikizo cy'umukara cy'urupfu."

Ikintu kibwira mushiki wacu wari uhagaze iruhande rw'icyuma gifotora n'umurabyo kiti "Fata ifoto." Ariko ntiyemeye kubikora. Na none kiti "Fata ifoto." Ariko yagumye kwifata. Nyuma ibyo biragaruka na none; noneho afata ubwo icyuma noneho afata ifoto, kandi ngiyi, mu buryo bwa gihanga. Iri ku kibaho tumanakaho - igicucu gifite ishusho y'igipfundikizo cy'umukara.

Nyuma, igihe umudamu yizeraga kandi tugasenga, ifoto yarafashwe nyuma habonetse umucyo. Naravuze nti "Igicucu cyagiye." (Murabona?) Umudamu aracyariho ku bw'ubuntu bw'Imana.

33 Murabona icyo nshaka kuvuga? Nimuvuga ukuri. . . bashobora kubaseka mu gihe runaka, bashobora kubumva nabi mu gihe runaka, ariko Imana izahamya ko ari ukuri, nimugumana gusa n'ibyo. Muhagarare neza. Ibyo wenda bizafata imyaka, nko kwa Aburahamu n'abandi, ariko ibyo Izabigira ukuri.

Igihe uwo Marayika, aho. . . Ndatekereza ko uretse umugore wanjye, uyu mugoroba hari abantu aha bari bahari, hashize imyaka mirongo itatu, igihe Ibyo byamanukaga. . . Haba hari umuntu muri sale ubu wari uhari igihe Marayika w'Umwami yamanukaga ku mugezi, inshuro ya mbere, imbere y'abantu? Muzamure ikiganza. Yego, ngabo! Murabona? Noneho, ndabona ko madamu Wilson yazamuye ikiganza; yari ahari. Dore umugore wanjye, yari ahari.

Kandi sinzi abandi bari aho ku nkengero, imbere ya benshi, abantu benshi, igihe nabatizaga saa munani, nyuma ya saa sita, noneho, uwo mwanya ijuru ry'umuringa, mu gihe nta mvura yari yaraguye mu byumweru, Yaje aho asuma. Yaravuze ati "Nk'uko Yohana Mubatiza yoherejwe nk'integuza yo kuza kwa mbere kwa Krisitu, woherejwe ufite Ubutumwa nk'integuza yo kuza kwa kabiri kwa Krisitu."

34 Abantu benshi, abacuruzi bo mu mujyi, bari bahagaze aho ku nkengero, noneho bambajije icyo ibyo byari bisobanuye. Ndavuga nti "Ntibyari ku bwanjye, ni ku bwanyu; njye, ndizera." Noneho Arigendera. Kandi igihe uwo Marayika yagendaga, niba mubyibuka, Yazamutse mu cyerekezo cy'uburengerazuba. Anyura neza hejuru y'agasongero k'ikiraro noneho ajya mu burengerazuba.

Nyuma cyane, nahuye n'umuhanga mu by'ubumenyi bw'ikirere (ni umunyabwenge). Ambwira inyenyeri zari zishyize hamwe, zikora itsinda ry'inyenyeri, kandi abanyabwenge bari i Babuloni baje mu cyerekezo cya Palesitina izo nyenyeri eshatu mu itsinda. Mwanyumvise mbivuga inshuro nyinshi. Muzi ko, ibi byumweru runaka biheruka, byagaragajwe ko byari ukuri?

35 Mwene Data Sothmann, aho muri hose, mufite icyo kinyamakuru uyu mugoroba? Ni mu kinyamakuru, ku rupapuro rw'ikinyamakuru cyo ku cyumweru, cyo ku icyenda z'ukwacumi na biri (ukuboza). Umunyamakuru yajyiye aho, ataburura ibyo bintu byose, kandi biragaragara ko turi mu by'ukuri, ubu. . . Byagaragajwe ko uyu mwaka uje uzaba 1970. Turi mu bukererwe ho imyaka irindwi, byahishuwe mu gutaburura amabuye. Kandi byagaragajwe ko ari ikinyoma. Igihe kirakuze kurusha uko mubitekereza.

Sinzi ukuntu ntabonye mwene Data Fred. Fred Sothmann, murahari? Mufite ikinyamakuru, mwene Data Sothmann? (Murabona. . . Afite ikinyamakuru.) Birashoboka ko ejo nimugoroba, nzabibasomera. Ntidufite igihe uyu mugoroba.

36 Ku bw'ibyo, mushobora kureba no kwitegereza, neza. . . Aba banyabwenge, aba banyabwenge b'abayuda, aho i Babuloni, bigaga inyenyeri, babonye izo nyenyeri zikoze itsinda, kandi uwo mwanya bamenye ko Mesiya yari ku isi. Ngabo binjiye muri Yerusalemu baririmba (urugendo rw'imyaka ibiri) "Umwami w'Abayuda umaze kuvuka ari he?" Bazengurutse inzira. . . noneho, Israel irabaseka. Mbega agatsiko k'abafana! Abantu nta kintu bazi kuri ibyo, ariko Mesiya yari ku isi. Noneho ubu. . . Muzi inkuru isigaye, ibyo bavuze. Noneho, tuzabisoma ejo nimugoroba.

37 Noneho, kugira ngo tugaruke kuri ibi, amayerekwa ntatsindwa, kubera ko aturuka ku Mana. kandi, mu gihe cy'urugendo cyose, ibyo byabaye ikintu cyankuruye. Nyuma, igihe uwo munyabwenge yambwiraga ibyo bintu, mu gihe nari umuhungu muto gusa, umuhigi. . . (cyangwa ndizera ko byari mbere y'ibyo), ibyo bintu byanteye ubwoba, kuko nari mfite ubwoba bw'umunyabwenge. Ariko, nyuma cyane, navumbuye ko abanyabwenge ba Bibiliya bari bafite ukuri, kuko Imana itangaza ikintu mu ijuru mbere yo kugitangaza ku isi. Mu kwitegereza ibyo biremwa by'ijuru!

«Imana ntiha agaciro abantu b'amahanga yose», niko Petero yavuze. Noneho.... "Ahubwo abamutinya mu mahanga yose, Imana irabakira."

[Ahatari ikintu kuri bande] ...

38 Tuvumbura noneho. . . Ku bw'ibyo. . . Nagerageje kureka iki gitekerezo, ariko. . . Ariko, yoo! ibyo byafata amasaha kubivugaho, noneho tukavuga ukuntu ibyo byagendaga mu buryo budahinduka muri icyo cyerekezo, nyuma mu kindi, ariko nari mfite ubwoba bw'ibyo. Uwo munyabwenge yaravuze ati "Ntuzagira intsinzi mu burasirazuba." Yongeraho ati "Wavukiye munsi y'ikimenyetso." Kandi aravuga ati "Wa. . . Icyo kimenyetso, iryo tsinda ry'inyemyeri. . . igihe zihuzaga aho umunsi wo kuvuka kwawe, zari mu burengerazuba, kandi ugomba kujya mu burengerazuba."

Narasubije nti "Mubireke bigwe." Nta kintu nari mfite hamwe n'ibyo. Muri icyo gihe cyose, ibyo ntibyigeze na rimwe bikura icyo kintu mu mutima wanjye.

39 Nyuma, igihe nari aho uwo mugoroba, ku bijyanye n'ayo mayerekwa, sinashoboraga kumva. Bene Data banjye b'abatisita bambwiye ko byari ibya satani. Ariko ubwo, igihe uwo Marayika yabonekaga, Yasobanuye mu buryo nta kuka ikintu cyose akoresheje Ibyanditswe, kandi aravuga ati, nk'uko ibyo byavuzwe muri icyo gihe igihe abatambwi batangaga ibitekerezo ku bijyanye n'ibintu (batazi ubwoko bw'ikote cyangwa imyenda n'ibindi byose, bagombaga kwambara, kandi batangaga ibitekerezo bijyanye n'ibyo batandukaniyeho), abanyabwenge bakurikiye inyenyeri yayoboraga kuri Krisitu.

Mu gihe ababwirizabutumwa bavugaga ko Yesu yari umubeshyi, Belezebule, idayimoni irahaguruka kandi iravuga iti "Tuzi Uwo Uri We. Uri Uwera w'Imana. Kubera iki Uje kutubabaza mbere y'igihe?"

40 Igihe Pawulo na Silas bazaga kugira ngo babwirize Ubutumwa bwiza, umupfumu muto ufite kwiyemeza kwiza, wari uhagaze mu nzira. . . Noneho ababwirizabutumwa b'ako gace baravugaga bati "Aba bantu ni ababeshyi. Bashwanyaguza amatorero yacu kandi bagatesha umutwe umuntu wese hamwe no kwangirika kwabo."

Ariko, ni iki cyabaye? Uyu munyabwenge muto, uwo mupfumu muto wo kwiyemeza kwiza, aravuga ati "Ni abantu b'Imana badutangariza inzira y'Ubugingo."

Noneho Pawulo acyaha uwo mwuka wari muri we. Ntiyari acyeneye ko bamufasha kugira ngo ahamirize uwo yari we. Yesu igihe cyose yababwiye guceceka. Ariko ibyo bigaragaza ko, inshuro nyinshi, amadayimoni azi cyane ibintu by'Imana kurusha ababwirizabutumwa. Baboshywe mu buryo bwa kidini. Byari ndetse muri Bibiliya, kandi Imana ntihinduka.

41 Umunsi umwe, hashize imyaka itanu, natwaraga mva kwa mwene Data Norman. Nari maze neza kuyobora iteraniro aho, noneho Umwami Mana ambonekera mu iyerekwa. Nari nicaye imbere y'urugi rwanjye, aha iwanjye. Byasaga nk'aho ari igihe kibi.

Benshi muri mwe baribuka iryo yerekwa. Ryanditse mu gitabo cyanjye cy'amayerekwa. Ndayandika kugira ngo menye neza ko ntazayibagirwa.

Kandi muri iryo yerekwa, nabonye ko ikintu runaka cyajyaga imbere mu nzira kandi amabuye yari arambitse ahantu hose mu mbuga yanjye. Hari ibimashini byitwa "niveleuse" n'ibimashini byitwa "bulldozer" byari ahantu hose mu nzira, kandi ibiti byari byatemwe kandi biraranduzwa. Kandi natangiye guhindukira kugira ngo ninjire nyuze mu rugi, kandi rwari rwafunzwe neza n'amabuye. Noneho najyiye kubwira umuntu nti "Kubera iki bimeze gutya?" Noneho ahinduka mubi cyane. Ansunika inyuma kandi avuga ati "Ni gutyo hamwe na mwe ababwirizabutumwa."

Ndavuga nti "Ndababaza gusa impamvu mukora ibi. Muje aha ku ruhande rwanjye rw'inzira. Kubera iki mwakoze ibi?" Arankubita urebye kandi arongera ansunika inyuma.

42 Noneho naribwiye nti "Ngiye gusa kumubwira ko atazi icyo ari kuvuga", noneho ijwi ryumvikana, rivuga riti "Ntubikore. Uri umubwirizabutumwa."

Ndavuga nti "Byiza cyane."

Ndahindukira noneho, iburyo bwanjye, imbere y'urugi, hari imodoka itwikiriye. Niba muzi icyo ari cyo, ni imodoka itwikiriwe ihambiriyeho amafarashi. Kandi, iruhande rw'umwanya w'umuyobozi, hari umugore wanjye. Narebaga inyuma, kandi abana banjye bari bicaye aho inyuma. Nazamutse mu mudoka noneho

mbwira umugore wanjye nti “Mukunzi, nihanganiye ibyashobokaga byose.”

Noneho ndayobora, kandi nakururaga ifarashi umutwe, noneho ntangira kujya mu burengerazuba. Ijwi rirambwira riti “Igihe ibi bizaba, ubwo uzajye iburengerazuba.”

Mwene Data Wood w'umwubatsi mukuru aha mu rusengero rwacu kandi akaba n'umuyobozi. . . Ni bangahe bibuka iyerekwa ubu? Muribuka ko naribabwiye? Neza cyane. Ryanditse ku rupapuro. Noneho mbwira mwene Data Wood nti. . . Yaguze n'itorero iki kibanza kiri aho, hagati. Yari ajyiye kubaka aho inzu mu mabuye.

43 Ndamubwira nti “Mwibikora, Mwene Data Wood, kubera ko batazabishyura na rimwe amafaranga yanyu. Birashoboka, wenda. . .” Ibyo bimaze imyaka; hashize imyaka itanu. Ndavuga nti “Wenda bazanyuza iki kiraro aha, kandi aya mabuye yaturukaga nta gushidikanya muri kave yanjye yari yarasenywe no mu nzira zanjye n'ibindi byari aho. Aho kugira ngo bibe amabuye, byari ibisate binini bya beto. Noneho ubwo, bazabishyira aho, kubera ko bavuze mu kinyamakuru ko ari cyo bashakaga gukora. Noneho, ntiyayubatse. Nyuma, umwaka umwe cyangwa ibiri nyuma cyane, bafashe icyemezo cyo kukinyuza kuri uru ruhande. Ku bw'ibyo, icyo kintu kiratungana, kandi ubwo ndakibagirwa kandi narakiretse.

Noneho, ikintu kidasanzwe cyarabaye hashize hafi umwaka umwe. Nari nyoboye amateraniro umugoroba ku rusengero rwa mwene Data Junior Jackson, wicaye neza aho, umubwirizabutumwa w'umumetodisiti wakiriye Umwuka Wera kandi wabatijwe mu Izina rya Yesu Krisitu; kandi ni umushumba wa rimwe mu matorero yacu twabyaye.

44 Gusa kugira ngo mbereke ukuntu Imana ikorana n'ubwoka Bwayo. Ndavuga ibi n'umutima wanjye wose: Nta teraniro na rimwe nzi mu isi yose, iteraniro ryishyize hamwe aho, ndatekereza, hari Umwuka w'Imana kurusha iri teraniro. Bafite ubudasa bwabo. Ntibari bagera mu by'ukuri aho bagombaga kuba, nta n'umwe muri twe, ariko baregereye nk'undi muntu wese, uko mbizi.

Noneho, ndabereka (nzi icyari kijyiye kuba) ko mwene Data Jackson yabonye inzozi. Ntiyashoboraga kuzihindura. Nari ndimo kuva ku rusengero rwe, kandi ntiyashoboraga kubyihanganira.

45 Ibyo bimaze igihe kingana gute, Mwene Data Jackson?

[Mwene Data Jackson arasubiza ati “Nabonye inzozi muri gashyantare 61.” - N.D.E.]

Yabonye inzozi muri gashyantare 61. Yaranyegereye noneho arambwira ati “Hari ikintu ku mutima wanjye ngomba kubabwira, Mwene Data Branham.”

Naravuze nti “Mumbwire, Mwene Data Jackson.”

Noneho yaravuze ati “Nabonye inzozi.” Kandi byari aho! Naratuje, ndumva kandi nditegereza. Yaravuze ati “Narose ko hari umusozi munini cyane nko mu murima ahari ibyatsi byo mu murima cyangwa ikintu runaka gutyo. Kandi aravuga ati ”Ku gasongero k'uwo musozi, aho amazi yari yaracukuye ubutaka, hari urutare rurerure cyane ku gasongero k'umusozi. Byari nk'agasongero k'umusozi, byari urutare, nta byatsi byari Bihari. Kandi amazi, mu gutemba, yari yaranditse ubwoko bw'inyandiko kuri ayo mabuye, kandi mwari aho, murimo gusobanura ibyari byanditse kuri ayo mabuye.“ Kandi yaravuze ati ”Twese. . .“ Noneho dore ukuntu yabisobanuye ”Bene Data ba Georgia n'abandi b'ahandi, twari hamwe twese aho, tubumva musobanura iyo nyandiko y'ubwiru yanditse ku mabuye y'uwo musozi.“

46 Nyuma yongeraho ati “Nyuma mwafashe ikintu runaka cyari kimeze nka. . . mu mwuka, ikintu runaka gisa na levier cyangwa imashini ifasha guterura ibintu” Si byo, mwene Da? Ikintu nk'icyo, nk'imashini ityaye. Noneho mwaravuze muti “Ni gute mwayikoze, sinzi.” Noneho aravuga ati “Mwakubise agasongero k'uyu musozi, mwagakase impande zose, noneho mukuraho umupfundikizo. Kandi wari ufite ishusho ya piramide. Noneho mukuraho agasongero.” (Nyamara, byari amezi n'amezi mbere yuko ubutumwa kuri piramide bubwirizwa.) Noneho yaravuze ati “Aho hejuru hari ibuye ry'umweru, rikomeye; kandi mwaravuze muti 'Izuba, cyangwa umucyo, ntiryigeze rimurika aho hejuru. Muze murebe. Mwitegereze ibi.'”

Kandi ni byo, kuko, mu kuremwa kw'isi, iyi yaremwe mbere yuko umucyo ubaho. Twese turabizi. Imana yagendaga hejuru y'amazi, noneho ubwo, mu ntangiriro, Ihamagara umucyo ngo ubeho. Mu bisanzwe aho hasi, mu gisekuru cy'uku kuremwa, umucyo ntiwari warigeze umurika kuri iryo buye.

47 Yaravuze ati “Murebe aha. Umucyo ntiwari warigeze umurika kuri ibyo mbere.” Igihe bose bahagurukaga kandi, nabasabye kubyitegereza, kandi bose baje kureba mo imbere. Ariko yavuze ko, mu gihe babirebaga, yarebye mu Nguni y'ijisho (ndizera ko ari gutyo bimeze) kandi arambona. Nanyereye ku ruhande noneho ntangira kugana iburengerazuba, ahagana aho izuba rirengera. Nzamuka umusozi kandi Manuka umusozi, nyuma nzamuka umusozi, manuka umusozi, mpinduka muto cyane, kugira ngo nekurebwa.

Ubwo aravuga uwo mwanya ati. . . yaravuze ati “Noneho bene Data bahindukiye gake nyuma,

noneho baravuga bati 'Yagiye. Ni he yagiye?'" Noneho aravuga ati "Bamwe bagiye muri iki cyerekezo, abandi muri kiriya, n'abandi mu kindi", ariko ko bake cyane basigaye kugira ngo barebe icyo nari narababwiye.

Noneho, mwitondere insubanuro z'inzozi, ntigeze ngira icyo mubwiraho, ndetse n'aba. Ariko naravuze nti "Yego"; kandi umutima wanjye wari wagize amarangamutima. Naritegerezaga. Noneho, iyo nyandiko y'ubwiru. . . Mutegereze, ngiye kubishyira ku ruhande mu mwanya.

48 Nta gihe kirekire gishize, mwene Data Beeler. . . Mwene Data Beeler muri rusange aba ari kumwe natwe. Murahari, Mwene Data Beeler? Yego, aho inyuma. Billy yavuze ati "Mwene Data Beeler yashwanyaguritse wese. Yagize inzozi zitadasanzwe cyane." Najyiye umugoroba umwe kwa mwene Data Beeler noneho aravuga ati. . . igihe najyaga gusura.

Yaravuze ati "Mwene Data Branham, narose inzozi." Yaravuze ati "Narose ko namanukaga umugezi werekeza mu burengerazuba. Hari umuhanda ku ruhande rw'ibumoso, kandi nari ndi ku ruhande rw'ibumoso rw'umuhanda ngana iburengerazuba, ndimo, biragaragara, nshaka amatungo. Kandi ku ruhande rw'iburyo, naje kubona, nyuma yo kugera aho, ko mwari muhari. Mwarimo gushyira hamwe umukumbi munini w'amatungo, kandi aho hari urwuri runini."

Noneho aravuga ati "Nyuma, mwafashe ayo matungo noneho mutangira kongera kuyambutsa umugezi." Kandi, uko bigaragara, ngomba kuba naramubwiye kurinda ayo matungo. Yaravuze ati "Noneho, bizaba byoroshye ku bw'ayo matungo, nzi ko azajya ahatagoranye cyane, ariko mwene Data Branham arashaka ko aguma ku ruhande rw'iburyo rw'uwo mugezi. Ku bw'ibyo, ngiye kongera kuzamuka uyu muhanda noneho mbabuze kwambuka umugezi kuri uru ruhande, noneho mbarindire kuri urwo ruhande." Ariko abona ko ntigeze nkurikira amatungo, ariko ko najyaga iburengerazuba.

Aravuga ati "Agomba kuba arimo gushakisha inyamaswa zabuze."

49 Akimara kumbwira inzonzi ze, mu buryo bugoranye, ndamureba. Nyuma, avuga ko yagizemo amakenga kuri njye, noneho ajya kongera kureba. Avuga ko nahageze njya ku musozi munini kandi ko uwo mwanya, nabuze. Yibajije ikitaragendaga. Aramanuka kandi, iruhande rwe, hatembaga umugezi muto wigabanyaga ibumoso. (Ndizera ko ari ukuri, Mwene Data Beeler. Yego.) Kandi abona kuva. . . ko iruhande rwanjye hari isumo iteye ubwoba cyane. Atekereza noneho ko wenda nari naguye muri ayo masumo kandi ko nari napfuye. Nyuma, avuga ko yarebye impande zose, kandi akabona ingaruka zaterwaga n'ayo masumo yagwaga kuri urwo ruhande; yatangaga amariba ashamikiyeho, ariko amazi ntiyagarukaga mu butaka. Areba ku rundi ruhande rw'umugezi ushamikiyeho muto noneho abona inyamaswa ntoya zifite amatwi azengurutse. Aravuga ati "Nizeye ko nzafata imwe." Noneho arambuka.

50 Nyuma, atangira kuntekerezaho. Azamuka umugunguzi muto, kugira ngo arebe ku rundi ruhande noneho arebe niba hari agahanda gato gafunganye naba narashoboye kunyuramo; ariko aravuga ati "Nta kintu cyari gihari." Noneho agira ikibazo; kandi aravuga ati "Ni iki cyabaye kuri mwene Data wanjye? Ndibaza icyabaye kuri mwene Data Branham." Igihe yagiraga ubwoba, avuga ko yanyumvaga mvuga. Nari mpagaze ku gasongero k'umusozi, noneho mbwira mwene Data Beeler ubusobanuro bw'inzozi nari namuhaye nta gihe kirekire gishize, noneho mubwira gutegereza Umwami, kandi umunsi umwe nzamusanga ku kirwa, kandi ni ho yari ari.

Noneho, dore ubusobanuro bw'izo nzozi: Umugezi wari mugari, wari Umugezi w'Ubugingo. Najyaga aho hejuru ngana iburengerazuba ndetse nawe, kubera ko yari mu muhanda. Yirukaga uwo muhanda wose kandi, ku rundi ruhande, hari ibyatsi byinshi, ariko ndetse n'ibihuru byinshi, ibihuru by'amahwa n'ibiti. Ariko, aho imbere, hari ibiti byinshi.

Ni gutyo dushaka Umwami n'ibiryo by'Umwami: tunyuze mu ngorane. Gushyira hamwe amatungo, ryari iri torero. Kubarindira kuri urwo ruhande. Mu by'ukuri, amatungo azahitamo umuhanda woroshye, idini, abishoboye; umuhanda uhagarariye idini.

Nongeye kumuzamura mu muhanda kugira ngo yite ku batarajyaga mu idini.

Urukuta yabonye, rutashoboraga kwambukwa, kandi rwambuzaga kujya iburengerazuba, cyari icyo kibazo cy'imisoro ya leta. Nta muntu ushobora kumva uburyo nakirangije. Rwari urukuta rwantangiraga, ariko Umwami anyuzamo, noneho nibona ku rundi ruhande. Nzabasanga, Mwene Data Beeler, ku kirwa.

51 Ku bw'ibyo rero, nyuma, nyuma y'ibyo ako kanya, mwene Data Roy Roberson. Mwene Data Roy, muri aha uyu mugoroba? Yego, ndizera. (Gute?) Aho, ku ruhande. Yarampamagaye, kandi yari yabonye inzozi. Arota ko twarimo gushyira hamwe amatungo. (Ubu, ni ubwa gatatu.) Ndi gushyira hamwe amatungo. Hari ubwatsi bugera ku gatuza kayo - ibyokurya byinshi. Twese bene Data, twari hamwe. Tugera ahantu kugira ngo turye, noneho mwene Data Fred Sothmann arahagaruka kandi aravuga ati "Eliya, umuhanuzi ukomeye, azavuga guhera aha, uyu munsi saa sita." Nyuma, igihe twese twamaraga kurya, buri umwe arigendera, noneho yibaza impamvu batari bategereje ngo bumve icyagombaga kuvugwa.

Noneho, murabona ukuntu ibyo bijyana neza n'icyo mwene Data Jackson avuga? Murabona ukuntu ibyo bihuye neza - bijyanye n'ibyo mwene Data Beeler yavuze? Nta muntu wategereje kugira ngo arebe icyo byari byo.

52 Murebe, uwo mwanya nyuma y'ibyo, mushiki wacu Collins. . . Muri aha, mushiki wacu Collins? Yarose ko yari aha ku rusengero, kandi ko yari ajyiye kuhagira ibirori by'ubukwe. Icyo gihe, abona umukwe yinjira; yareraga. Ariko umugeni ntiyeraga rwose; nyamara byari Umugeni. Nyamara, ni Itorero. Hari ikimeze nk'umurimo wo gusangira cyangwa ahubwo ikimeze nk'umurimo cyabaga, nk'ifunguro rya saa sita ryagaburwaga. Ibyo bimukomeretsamo gake, kubera ko mwene Data Neville yagaburaga ibyokurya bya saa sita mu rusengero. Ariko avuga ko byari ibiryo byiza cyane yaba yarigeze abona. Yari ashonje cyane. Yatekerezaga ko wenda (mu nzozi) atagombaga kumugaburira; kandi we na mwene Data Willard bagombaga kujya muri Ranch House kugira ngo barye. Kandi, icyo gihe, umucyo ku ruhande rw'iburyo warazimye. Noneho, muzi icyo ari cyo.

Nyamara, ibiryo. . . Umugeni ntiyera, ariko Umukwe arera. Umugeni ntiyari yera. Ariko ibiryo byagaburwaga ntibyari ibiryo by'umubiri, byari ibiryo by'umwuka mwabonye igihe cyose. Mundeke mpagarare kuri izo nzozi za kane akanya gato.

53 Ntimwibuka, Mwene Data Sothmann na Mwene Data Banks Wood, igihe twari muri Arizona umwaka uheruka, turimo guhiga isatura, kandi ko Umwami yavuze? Ntimwibuka ko ibintu Yakoze mu buryo bwuzuye, byerekana ibizaba mu gihe twakurikiraga umuhanda? Niba ari byo, mwe mwembi, bene Data, muvuge "amina". Ibyo ntibyigera bihusha.

Noneho mbona mu iyerekwa, mu gihe umunsi umwe twatwaraga. . . Iyerekwa ry'Umwami riransaga; kandi nari niteguye icyo gihe, igihe nagarukaga mu rugo, kujya hakurya y'inyanja. Kandi igihe najyaga hakurya y'inyanja, noneho, mbona ku bwato. . . cyangwa ahantu ku nkengero z'inyanja aho amato yavaga. Kandi aho hari umugabo muto, noneho arambwira ati "Naguteguriye ubwato, Mwene Data Branham." Kandi bwari ubwato buto - bufite hafi santimetero mirongo itatu z'uburebure, ariko bwari umweru nk'urubura. Noneho arambwira ati "Ni ku bwo kwambuka kwanyu."

"Yoo! ni ko navuze, ntibihagije."

Arambwira ati "Buzakora kirometero mirongo itandatu ku isaha, aha ku burebure." (Ni ku nkengero.)

"Ariko, ni ko navuze, ibyo ntibizatuma nambuka." Nyuma areba hasi noneho arambwira ati "Mugende nka bo." Ndareba, kandi aho hari mwene Data Fred Sthmann na mwene Data Banks Wood bari bicaye mu bwato buto busize irange ry'icyatsi, bufite ahantu inyuma ho kubika - mwene Data Banks hamwe n'ingofero izamuye gutya, na mwene Data Fred ufite ingofero ifite igice k'imbere gihinnye. Noneho aravuga ati "Mugende nka bo."

Ndavuga nti "Oya, sinzagenda." Noneho uwo mugabo arababwira ati (umugabo muto) "Mutwara ubwato?"

Mwene Data Banks arasubiza ati "Yego."

Mwene Data Fred aravuga ati "Yego."

Ariko ndavuga nti "Si byo. Njye, ntwara ubwato, kandi nzi ko ntazagenda rwose n'ibyo, kandi nzi neza ko ntazagenda gutyo."

Aravuga ati "Kubera iki mutajyana na bo?" Ndasubiza nti "Oya, oya."

Noneho ndahindukira kandi, icyo gihe, umugabo muto ku kiraro aboneka ameze nka mwene Data wanjye w'igiciro, mwene Data Arganbright.

54 Nakurikeye iryo yerekwa, kandi hari inyubako mo ndende; noneho ubwo ijwi rirambwira riti. . . (Mwese murabyibuka, cyangwa benshi muri mwe.) Ijwi rirambwira riti "Zana ibiryo imbere. Bihunike. Uburyo bumwe gusa bwo kubagumana aha, ni ukubaha ibyokurya." Nari nashyize - nari nashyize, mu bigega binini byose byuzuye, karoti nziza cyane n'imboga nziza cyane ntigeze mbona. (Muribuka noneho iryo yerekwa?" Nababwiye nyuma insobanuro zabyo. Nagombaga kujya i Zurich, mu Busuwisi, hamwe na mwene Data Arganbright, ku bw'imigoroba itanu y'amateraniro. Mbwira bene Data, mbere yuko ibyo biba nti "Sinzagenda."

Nari ndi aho hamwe na mwene Data Welch Evans igihe ibyo - natangaga ubusobanuro.

55 Umugoroba umwe, ndizera, mwene Data Welch yaje kumfata - twari tujyiye gukora urugendo rwo kuroba - kandi ambwira ko mwene Data Arganbright yampamagaraga. Ndavuga nti "Byiza cyane, ngibyo, ni ibyo. Bajyiye kwitandukanya nanjye." Kandi kenshi. . . (bitanyuze mu guhuzwa na mwene Data Miner, ni umwe mu nshuti zanjye zikomeye). . . ariko, rimwe na rimwe, bashoboye gusa. . . niba batekereza ko mujyiye kuroba ikintu runaka gitandukanye n'imyizerere yabo, bavuga gusa ko muzaba muhari, kugira

mukore uko mushoboye ngo inshuti zanyu zihaboneke.

Noneho baravuga bati. . . Mwene Data Arganbright aranterefona noneho arambwira ati "Mwene Data Branham", (neza icyo Umwuka yari yavuze) aravuga ati "Muze kandi muzane umugore wanyu, kubera ko mutazaba mufite byinshi byo kubwiriza, ni ko yavuze, kubera ko ndatekereza ko rwose babateguriye umugoroba." Kandi yongeraho ati "Wenda ntimuzanakenera kubwiriza uwo mugoroba."

Ndavuga nti "Oya."

"Noneho, ni ko yavuze, muze, mwe n'umugore wanyu, muze mwese, kandi ndetse nzabazengurutsa. Umugore wanjye n'umugore wanyu, n'abandi bose, tuzasura Ubusuwisi kandi nyuma tuzajya muri Palesitina."

Ndavuga nti "Oya."

Nari mfite ubusobanuro. Mbwira mwene Data Welch, cyangwa mwene Data Fred, n'abandi nti "Nzabibabwira ejo mu gitondo, ariko, bwa mbere, umugore wanjye agomba kuvuga ikintu runaka." Kandi, igihe namuterefonaga, yanga kugenda. Ndavuga nti "Dore, ni ibyo." Murabona?

56 Nyamara. Ubwo bwato buto bw'umweru bwari buhagarariye iryo teraniro rimwe gusa. Ni byiza kujya aha, ahantu runaka ku nkengero, ku bw'amateraniro ariko ntibihagije cyane (nubwo byari umweru kandi ari byiza) kugira ngo njye hakurya y'inyanja.

Mwene Data Fred na mwene Data. . . bari aho, bahagarariwe mu iyerekwa, kuhaba kwabo kwasobanuraga: Kugenda nk'umukera rugendo; ku bw'umunezero. Ariko sinifuzaga kubikora. Kandi, igihe byavugwaga ko batatwaraga ubwato, ibyo byashakaga kuvuga ko batari ababwirizabutumwa; ariko njye, nari umubwirizabutumwa. Nyuma ibiryo muri iyo nyubako ndende mo. . . Sinajyiye hakurya y'inyanja, ahubwo nagarutse kuri iyo nyubako ntoya, kandi twakoze amabande abarirwa muri cumi n'abiri, kuri piramide, n'ibindi, kugira ngo twereke abantu isaha turimo.

Noneho, mubigereranye ndetse n'izindi nzozi. Nyamara, byari iyerekwa. Ibyokurya: ngibi. Aho hantu ni aha.

57 Murebe, noneho ni iki cyabaye? Uwo mwanya nyuma y'iryo yerekwa rya kane, cyangwa bamaze kumbwira izo nzozi za kane, mwene Data umwe Parnell yaraje. Ari aha ahantu runaka. Nguwo. Billy ntiyari aha, kandi uwo mugabo yari yataye ubwenge. Aturuka i Bloomington, ndatekereza, cyangwa i Bedford. I Lafayette. Kandi yayoboraga amateraniro. Yabonye inzozi; nyuma yaje kubwira mwene Data Wood ati "Sinshobora kubireka gutya. Ngomba kubivuga. Ngomba kubibwira mwene Data Branham. Ibyo biranzengereza." Kandi Imana izi ko hatabayeho inzozi zimwe gusa hagati yabo bombi. Zaje zikurikirana, wenda: zimwe, ebyiri, eshatu, enye, eshanu, esheshatu.

58 Mwene Data Parnell aravuga ati "Nabonye inzozi zidasanzwe. Narose ko nari ngiye kugira iteraniro aha hantu, kandi byabayeho ko aha habaye iteraniro, nko mu rusengero rushya." Kandi yavuze uburyo iryo teraniro rishya ryahageze, kandi yibajije impamvu amatorero abiri atakoranaga, cyangwa ikintu runaka gutyo. Avuga ko yari aho kandi ko yatekerezaga ati "Noneho, namaze kuza aha, ngiye gusa gutegereza kandi nzitabira amateraniro."

Avuga ko umugabo, wambaye ikositimu y'ibara ryerurutse kandi ufite igitabo, yambuka sale - ndatekereza ko yandikaga. Abwira mwene Data Parnell ati "Ni iteraniro ryihariye. Ni ku bw'abadiyakoni n'abayobozi gusa." Noneho, yumvaga yabuze amahoro. Noneho asohoka mu rusengero rushya, urusengero rwubatswe, cyangwa rwasanywe, rwagaruwe mu mimerere myiza. Kandi, igihe yari hanze, hagwaga urubura; hari igihe kibi, byari mu gihe cy'ubukonje bukabije. Nta muntu n'umwe muri abo bantu wari uzi ikintu icyo ari cyo cyose kuri ibyo.

59 Mu gihe yasohokaga, nari ndi aho, ndeba mu burengerazuba. Ndamubwira nti "Ntubure amahoro, mwene Data Parnell, nzabasobanurira icyo mugomba kuzakora."

Mwene Data Parnell n'abandi bazi ko ntigeze mbaha ubusobanuro. Ni ubu ndetse mbutanze, nubwo nabonye inzozi zabo byihuse, mwene Data Parnell, kugira ngo mbuze ko ngomba kubibabwira?) Naragiye, nta kintu nigeze mbwira mwene Data Wood, cyangwa undi muntu. Nta kintu nabwiye umuntu; nabiretse gutyo, kubera ko nashakaga kureba aho ibyo byajyanaga. Mwigeze munyumva bwa nyuma mvuga nti "Ndahangayitse"? Ngibyo icyo byari byo.

Noneho, mwene Data Parnell avuga ko namubwiye nti "Mwene Data Parnell, tangira kugenda, kandi ahantu hambere muzagera hazaba hitwa Sephora." Sephora? Sephora, bisobanura ahantu hahuza, ahantu hahagarwa cyangwa ikintu nk'icyo. Ndamubwira nti "Ntimugume aho. Mu gukomeza, ubwo muzabona umugore usaje cyane; ntimuzahagarare aho." Mu gihe cyose aho twari turi - namubwiraga, twagendaga mu rubura.

Ndamubwira nti "Mugende kugeza mubonye umugore wanjye kandi, igihe muzamubona, muzahagarare

aho.” Noneho avuga ko mu gihe yarebaga yabonye ko twari twavuye mu rubura, kandi ko twari mu butayu. Noneho ndabura. Areba inyuma, noneho abona umugore we wavomaga amazi mu iriba, kandi ko umubwirizabutumwa yari arimo kuyakurura kugira ngo ayigize kure y'icyuma gikurura amazi. Yarabyitegerezaga. Noneho arakanguka.

60 Dore ubusobanuro bw'inzozi zanyu. Mba narashoboye kubibabwira uwo mugoroba, ariko naragiye gusa. Sephora, uwo mugore usaje, n'undi wari usaje cyane rwose, ni amatorero. Murabona? Sephora yari mu by'ukuri - umugore wa Mose, Sephora. Kandi dushobora kubona ko nari namubwiye kudahagarara kuri bo, - imyaka yabo iyo ari yo yose, - byari amadini. Ntimuzahagarare kuri yo! Yagize igihe cyayo. Ariko, igihe muzagera ku mugore wanjye, ari we Torero ryanjye, ari ryo Yesu Krisitu yantumyeho muri iyo minsi ya nyuma (kandi ngiri!), muzahagare aho! Kandi nari nagiye mu burengerazuba.

61 Nyuma mushiki wacu Steffy. . . (Birashoboka ko atari aha, kubera ko yari kwa muganga. Sinzi.) Mushiki wacu Steffy yaba. . .? yego, nguwo. Mushiki wacu Steffy yanyuze iwanjye, mbere yo kujya kwa muganga kubagwa, kugira ngo musengere kandi ku bw'ibyo Imana imufashe kandi imuhe umugisha. Kandi Yarabikoze nta gushidikanya.

Aravuga ati “Nabonye inzozi zidasanzwe, Mwene Data Branham.”

Ndamubwira nti “Yego.”

Aravuga ati “Narose ko nari ndi mu Burengerazuba kandi ko na. . .” (Izi,ni iza gatandatu.) “Narose ko nari ndi mu Burengerazuba, kandi kari agace gateje impanuka. Kandi, igihe narebaga, mbona, hejuru ku musozi, umuntu usaje cyane ufite ubwanwa burebure bw'umweru, kandi imisatsi ye yari itwikiriye mu maso he; yari yitwikiriye ikintu gisa n'umwitero w'umweru umuyaga wahuhaga.” (Ndatekereza ko ari ukuri, gutyo, Mushiki wacu Steffy.) Noneho aravuga ati “Nagumaga kwegera kurushaho; yari ahagaze ku gasongero k'umusozi, areba mu cyerekezo cy'iburasirazuba.” Noneho aravuga ati “Ndibaza nti 'Ni nde uyu musaza?'” Kandi aguma kurushaho kwegera kandi, igihe yageraga hafi cyane, amenya uwo yari we. Yari udapfa Eliya, umuhanuzi, wari uhagaze aho, yitegereza mu burasirazuba.

62 Aravuga ati “Ngomba kumureba (Yari afite ukuri.)” Ariruka kugeza ku gasongero k'umusozi, noneho yikubita aho kugira ngo amubwire mu izina rya Eliya. Kandi, igihe yamaraga kuvuga, yumva ijwi rimubwira riti “Ni iki mushaka, Mushiki wacu Steffy?” Kandi yari njye.

Inzozi zanyu zarasohoye uwo mwanya, Mushiki wacu Stiffy. Kuko, ako kanya nyuma y'ibyo, najyiye i Louisville. Icyo mwari mukeneye, byari amasengesho (kugira ngo byose bigende neza ku bwe kwa muganga); kandi ikimenyetso kinyereka njya mu burengerazuba, kandi ndeba mu burasirazuba kugira ngo nite ku mukumbi wanjye.

Murebe. Igihe. . . Najyiye i Louisville kandi, mu kugaruka kwanjye, mbona, ngana ku rugi, ko ikibanza cyanjye cyari cyashinzwemo imambo aho ku rugi. Bwana Goyne, aha w'agace ka rusange, yanyuraga mu nzira. Arambwira ati “Billy, ngwino aha.” Nyuma arambwira ati “Ugomba kwimura inzugi zawe n'ibindi: urugo, urugo rw'amabuye, n'inzugi.”

Ndamubwira nti “Noneho, nibyo, Bill, ni ko navuze, nzabikora. Ariko ryari?”

Aransubiza ati “Nzakubwira. Nzakumenyesha igihe bizaba. Bazatangira ahagana ku ya mbere y'umwaka.”

Ndavuga nti “Byiza cyane.”

63 Ndetse naganaga na none mu rugo, noneho umugore wanjye arambwira ati “Ngomba byihuse kujya mu isoko.” Manuka umuhanda, noneho umuhungu witwa Raymond King, w'umwengeniyeri w'ibiraro na boredire. . . Namwitaga buri gihe “Ugutwi kuzuye ibyondo” [mu cyongereza “Ugutwi kw'Ikwibyondo Mud Ear” - N.D.T.], kubera ko igihe twari tukiri abana kandi tukijya koga hamwe, yajugunye ibyondo mu gutwi k'umuhungu; noneho igihe cyose twamwitaga “Ugutwi kw'ibyondo” [Mud Ear]. Atuye ku nkengero z'inzira imwe nka njye, hafi - hafi inzu ebyiri hasi kwa mwene Data Wood.

Ndamubwira rwose nti “Byondo [Mud], ngwino hano umunota umwe.” Arasubiza ati “Byiza cyane, Billy.” (Yaje aho.) Ndamubwira nti “Iyi nkomangizo washinze. . .”

Aravuga ati “Billy, ni. . . bagiye gufata byose, ni ko yavuze, ibyo biti byose, izo nzitiro zose n'ibindi byose bisigaye bigomba kuzimurwa.”

Ndamubwira nti “Noneho, umwenjeniyeri yambwiye ko ubutunzi bwanjye bwageraga hagati y'umuhanda.”

Aravuga ati “Yego, ariko bajyiye kwagura umuhanda, kandi mu buryo bwose bazabifata ibyo.”

Yongeraho ati “Ndetse n'ibyanjye.”

Ndamubwira nti “Noneho, mwene Data Wood ni umufundi.” Kandi naravuze nti “Ngiye gusa kumusaba kubyimura.”

Aravuga ati “Ntuzabikoreho. Reka umwubatsi mukuru abikore. . . Ni inzu y'umushumba, si byo?”

“Yego”, “Mureke abikore. Uzi icyo nshaka kuvuga.”

Ndasubiza nti “Yego.”

Ndahindukira kandi, cyane gutya, ikintu kirankubita.

Natashye iwanjye, najyiye mu biro byanjye; mfata icyo gitabo, kandi byari ibyo. Ntibyari ibibuye bya sima, byari amabuye.

Ndavuga nti “Meda, itegure.”

64 Inzozi esheshatu zuzuye, nyuma iyerekwa rizengurutsa ikamba ibintu byose. “Ibyo bintu nibiba, uzahindukirire iburengerazuba.”

Nahamagaye Tucson. Mwene Data Norman yabonye ahantu. Sinzi aho ngiye. Sinzi icyo gukora. Ndi mu. . . Mpagaze. . . Sinzi icyo gukora. Mvuye mu nzu ntashobora gukodesha. Umushahara wanjye ni amadolari ijana ku cyumweru. Ngomba urebye kwishyura amadolari ijana ku kwezi ku bw'inzu. Ndi hano hamwe na bene Data banjye na bashiki banjye ahantu bankunda. None ngiye aho ntazi. Sinzi impamvu. Sinshobora kubabwira impamvu. Ariko nzi ikintu kimwe, ni ugukurikira gusa icyo Avuga gukora. Sinzi uruhande ngomba kujyaho, igikwiye gukorwa, ibyo ntibi. . .

Ndatekereza ko Aburahamu yumvise ikintu kimwe igihe Imana imubwira iti “Jya ku rundi ruhande rw'umugezi.” Ntiyari azi icyo gukora, uretse kugenda no gutandukana. Sinari nzi icyo gukora.

65 Ku wa gatandatu uheruka mu gitondo, ejo hashize ibyo byari bimaze icyumweru, ahagana amasaha atatu ya mu gitondo, narahagurutse kugira ngo nywe igitonyanga cy'amazi; najyiye mu cyumba cya Yozefu kongera kumworosa, nyuma naragarutse njya mu buriri, noneho ndasinzira. Mu gihe nari nsinziriye. . . (Ubu, ndi kuvuga izi nzozi ntoya zitandukanye, kugira ngo mushobore kubona ibibanziriza ibyo ngiye kuvuga uyu mwanya.) Ni ukuvuga ko nongeye korosa Yozefu, narajyiye ndongera ndaryama, noneho ndasinzira; noneho mbona inzozi.

Narose ko nabonaga umugabo wagombaga kuba nka data, nubwo yari munini cyane mu gihagararo. Kandi nabonye umugore wagombaga kuba nka mama, gusa ntibasaga. Uwo mugabo yari umugome cyane ku mugore we. Yari afite ingeri y'igiti ifite imfuruka eshatu; yari yasatuye icyo giti noneho akora i. . . Murabizi, iyo mutemye mu gihimba cy'igiti, ibyo bikoramo ingeri ifite imfuruka eshatu. . . Kandi, inshuro yose uwo mugore yatangiraga guhaguruka, yamufataga ku ijosi, akamukubita ku mutwe kandi akamukubita byo kumwica. Igihe yari aryamye aho, yavaga amaraso, yarariraga; nyuma akongera gushaka kubyuka. Yatemberaga yiyemera yabyimbije agatuza - yari afite ibizigira - kandi, iyo yongeraga akabyuka, yamufataga ku ijosi, yafataga iyo ngiga y'igiti y'imfuruka eshatu, noneho akamukubita umutwe akongera akamugusha. Nyuma akongera akagenda yabyimbije agatuza, nkaho yakoze ikintu gikomeye.

66 Ubwo nari mpagaze hirya, ndimo kubyitegereza. Naratekerezaga nti “Sinshobora kurwana n'uyu mugabo; ni munini cyane. Kandi, yakagombye kuba papa. Ariko si papa.” Noneho ndavuga nti “Ntafite rwose uburenganzira bwo kugenza gutyo uwo mugore.” Natangiye kubigirira umujinya.

Nyuma, uwo mwanya, nagize imbaraga, ndamusanga, mufata ijosi, ndamuhindukiza. Ndamubwira nti “Ntimufite uburenganzira bwo kumukubita.” Kandi, igihe namaraga kubivuga, imikaya yanjye irabyimba; nasaga n'umuntu w'umunyembaraga. Uwo mugabo areba iyo mikaya noneho angirira ubwoba. Ndamubwira nti “Nimwongera kumukubita, muzaba ari njye mushaka.” Noneho areka kongera kumukubita. Nyuma ndakanguka.

Nagumye nirambitse aho umwanya muto. Naribajije nti “Ni iki?” Ni ibintu bidasanzwe ko ndota uwo mugore.“ Mu mwanya w'akanya gato, Nguyu araje. Nakira ubusobanuro.

67 Umugore ahagarariye Itorero ry'isi y'uyu munsi, ry'isi yose. Navukiye hagati muri iyo myanda, none dore ndi aha. Ategetswe kuba ubwoko bwa mama wa. . . Niba atari umubyeyi w'umusambanyi. . . ariko nyamara navukiye aho imbere. Kandi u - umugabo we, ni amadini amutegeka. Ingeri y'igiti gifite imfuruka eshatu yari afite, ni uwo mubatizo w'ubutatu mu mazina y'ikinyoma; kandi, buri nshuro yageragezaga guhaguruka kugira ngo idini rimwemere, yamukubitishaga ibyo kugira ngo yongere agwe. Neza cyane, kuko yari munini cyane, nari mfitemo ubwoba kubera we, ariko nyuma namwituyeho nubwo byari bimeze gutyo, kandi imikaya yari imikaya y'ukwizera. Ibyo byatumye ntekereza kuri ibi “Niba Imana iri ku ruhande rwanjye, kandi ikaba ishobora kumpa imikaya, reka murwanye.” Yaretse kumukubita.

68 Ibyo byagombaga kuba saa yine za mu gitondo igihe umugore wanjye yashakaga kwinjira mu cyumva, kandi byarabaye. Ninjiye mu iyerekwa icyo gitondo, kandi na. . . Mu buryo bumwe cyangwa

ubundi. . . Noneho, mwibuke, ntibyari inzozi.

Hari itandukaniro hagati y'inzozi n'iyerekwa. Inzozi ziza mu gihe muri mu bitotsi. Amayerekwa aba igihe mudasinziriye. Ni gutyo twavutse. Ikiremwa muntu gisanzwe, igihe kirota, ibyo bibera mu ntekerezo. Kandi intekerezo ze ziri kure cyane ye. Imyumvire ye ikora igihe kirekire igihe iri mu mutima nama we wa mbere. Muri uwo mutima nama, muba musanzwe: murabona, muraryoherwa, murakorakora, mugira ibyumviro cyangwa mukumva. Ariko, iyo muri mu ntekerezo zanyu kandi mukaba musinziriye, ntimubona, cyangwa ngo muryoherwe, cyangwa ngo mukorakore, cyangwa ngo mugire ibyiyumviro cyangwa ngo mwumve. Ariko hari ikintu runaka, iyo murimo kurota, gituma mugaruka muri uwo mutima nama. Hari igice gituma mwibuka ikintu runaka mwarose mu myaka myinshi ishize.

Ikiremwa muntu gisanzwe ni gutyo kimeze. Ariko, igihe Imana iteganyije ikintu runaka, icyo gice cy'intekerezo ntikiri kure cyane y'aha ku muntu ubona, ariko imitima nama ibiri iri hamwe. Ureba, mu iyerekwa, ntasinzira; imyumviro ye yose iba ihari kandi akabibona.

69 Nabisobanuriraga abaganga undi munsi, ubwo barahagurutse noneho baravuga bati "Birahebuje. Ntitwigeze na rimwe dutekereza ku kintu nk'icyo." Mu gihe nanyuraga mu cyuma gifotora ubwonko, bavuze ko na - ko batigeze na rimwe babona ibisa n'ibyo. Noneho, baravuze bati "Hari ikinti kiri kuba muri mwe."

Noneho ndavuga nti. . . Narababwiye. Yaravuze ati "Ni ibyo, neza." Murabona?

Imitima nama ibiri yose iregeranye. Nta kintu nashoboye gukora, kandi ibyo ntibinshyira hejuru cyane y'abandi. Ni Imana gusa yabikoze gutyo. Ntimusinzira, muri hano ndetse, nk'abasinziriye. Muhagarara aho, murimo kureba gutya, kandi. . . Mwe mwese, mwarabibonye, impande z'isi.

Ntimusinzira, muhagarara aha, ku ruhimbi, murimo kubwira abantu. Munyumva ninjira mu mayerekwa kandi nkagarukamo, mu gihe ndi mu ivatire hamwe namwe cyangwa ahandi hantu hose, noneho nkababwira ibintu bigeye kuba. Ibyo ntibyigera bitsindwa. Ibyo ntibyigeze bitsindwa. Hari uwabibonye bitsindwa? Oya, oya. Ibyo ntibishobora gutsindwa. Ibyo ntibizatsindwa, igihe cyose ari Imana. murebe, ku ruhimbi, ibihumbi byo muri yo, imbere y'ibihumbi by'abantu, ndetse no mu ndimi ntashobora kuvuga - kandi ibyo nyamara ntibitsindwa. Murabona? Ni Imana.

70 Noneho, muri iryo yerekwa, cyangwa mu gihe navugaga, nararebye noneho mbona ikintu kidasanzwe. Noneho, byagaragaraga ko umuhungu wanjye muto Yozefu yari iruhande rwanjye. Naramuvugishije. Noneho, nimwitegereza iyerekwa mwitonze cyane, muzabona impamvu Yozefu yari ahagaze aho.

Nararebye, noneho hari igihuru kinini cyaka. Kandi kuri icyo gihuru hari - itsinda ry'inyoni - inyoni ntoya cyane zifite hafi santimetero imwe y'uburebure na santimetero imwe y'ubujyejuru. Zari indwanyi zajyiye mu zabukuru ntoya. Amababa yazo matoya yari yamanutse. Hari hafi ebyiri cyangwa eshatu ku ishami ry'agasongero k'igiti, esheshatu cyangwa umunani ku ishami rikurikira, na cumi n'eshanu cyangwa makumyabiri ku irikurikiyeho na none; ibyo byamanukaga gutyo mu ishusho ya piramide. Izo nyoni ntoya, izo ntumwa ntoya. . . Kandi zasaga nk'izacitse intege. Zarebaga mu cyerekezo cy'uburasirazuba kandi, mu iyerekwa, nari ndi i Tucson, muri Arizona.

Kuko Atashakaga ko nahomba kubona ahariho, Yakoze ku buryo mba ndimo kwishikuzaho ihwa ryo mu butayu. Noneho ndavuga nti "Ubu, nzi ko ari iyerekwa, kandi nzi ko ndi i Tucson. Nzi ko izo nyoni ntoya, ziri aho, zihagarariye ikintu runaka." Kandi zarebaga mu cyerekezo cy'iburasirazuba. Uwo mwanya, zifata icyemezo cyo kugenda noneho zigurikira mu cyerekezo cy'iburasirazuba.

71 Zikimara kugenda, itsinda ry'inyoni nini cyane riraza. Zasaga nk'inuma zifite amababa maremare kandi atyaye, zifite ibara ryenda kwirabura (ikijuju) ariko ricyeye cyane kurusha izo ntumwa ntoya za mbere. Zagendaga zihuta cyane mu cyerekezo cy'iburasirazuba. Nkimara kuzibura, narongeye ndahindukira kugira ngo ndebe iburengerazuba, noneho icyo kintu kiraba. Habayehp guturika kwanyeganyeje mu by'ukuri isi yose! Noneho, ntimubihombe! Kandi namwe, mwumva bande, muhamye ko mubyumva neza.

Bwa mbere, guturika! Nibwiye ko ari uguturika gutewe n'indege, igihe yambukaga urukuta rw'ijwi cyanwa sinzi ukuntu mubyita, noneho ijwi rikagaruka riza ku isi. Ibyo byanyeganyeje ibintu byose nk'urusaku rw'inkuba n'ibindi bisigaye byose! Ibyo biba rwose byarashoboye gusa na - nko guhinda kw'inkuba gukomeye kujyanye n'umurabyo. Sinabonye umurabyo. Numvise gusa uko guturika gukomeye kwabaye, kandi kwasaga nk'ukuri mu cyerekezo cy'amajyepfo bijyanye n'aho nanjye nari mpagaze; ugana muri Mexique.

72 Ariko ibyo byanyeganyije isi kandi, icyo gihe (nari nkiri kureba mu burengerazuba), kure cyane mu iteka, mbona itsinda ry'ikintu runaka cyazaga. Byasaga n'utudomo duto. Ntibyashoboraga kuba hasi ya dutanu cyangwa hejuru ya turindwi. Ariko twari dufite ishusho ya piramide, nk'intumwa ziheruka.

Kandi, icyo gihe, imbaraga y'Imana Ishobora Byose inzamura guhura na two. Kandi nshobora kubibona. Na. . . Ibyo ntibyigeze binsiga na rimwe; iminsi umunani yarashize, kandi sinshobora kongera

kubyibagirwa. Sinigeze ngira ikintu nk'icyo, cyantesheje umutwe kuri urwo rwego. Umuryango wanjye uzabibabwira.

73 Nashoboraga kubona abo Bamarayika, bafite amababa yarebaga inyuma, yihutaga cyane kurusha ijwi. Baturutse mu iteka, mu kanya gato, nko guhumbya kw'ijisho. Ntibihagije guhumbya igishishwa cy'ijisho, rwose guhumbya kw'ijisho. Bari aho. Sinabonye igihe cyo kubara. Sinabonye igihe. Nashoboraga gusa kureba. Bari Abamariyika banini kandi bakomeye, bera nka sherege! Amababa yabo, igihe bayakubitaga, yaravugaga ati "fiyu, fiyu" kandi, icyo gihe, njyanwa muri iyo piramide, iryo tsinda.

Naratekerezaga nti "Ubu, ni ko bimeze." Umubiri wanjye wose wari wabaye ikinya, noneho ndavuga nti "Yoo! yoo yoo! Ibyo bishatse kuvuga ko hazabaho guturika kuzanyica. Ubu ndi ku iherezo ry'urugendo. Igihe iri yerekwa rizashira, singomba kubibwira abantu. Sinshaka ko babimenya, ariko Data wo mu ijuru ubu yamenyesheje ko igihe cyanjye kirangiye. Sinzabibwira umuryango wanjye kugira ngo udahangayika ku bwa njye, kubera ko Yiteguye kwigendera, kandi abo Bamarayika baje kunshaka, kandi mu gihe gito nzicirwa mu kintu kimeze nko guturika."

Nyuma icyo gitekerezo kinzamo, mu gihe nari ndi muri iryo tsinda kiti "Oya, si ibyo. Iyo ibyo biza kukwica, ibyo biba byaranishe Yozefu", kandi nashoboraga kumva Yozefu wampamagaraga. Byiza, nyuma narahindukiye kandi ndatekereza nti "Mwami Mana, iri yerekwa risobanuye iki?" Narabyibajije, noneho nyuma ibyo byaransanze. Si ijwi, ibyo byaransanze gusa. Yoo! ni Abamarayika b'Umwami baje kumpa umurimo wanjye mushya! Kandi, igihe icyo gitekerezo cyanzagamo, nazamuye ibiganza noneho ndavuga nti "Yoo! Mwami Yesu, ni iki Ushaka ko nkora?" Noneho iyerekwa rimvaho. Mu gihe hafi cy'isaha imwe, umubiri wanjye ntiwongera kumva.

74 Nyamara, muzi icyo imigisha y'Umwami ari cyo. Ariko imbaraga y'Umwami iratandukanye cyane. Imbaraga y'Umwami, ahantu h'ubwo bwoko, nayumvishije inshuro nyinshi mbere mu mayerekwa, ariko ntibyigeze na rimwe biba nk'ibyo. Ibyo birasa no gutinya ko kubaha. Nari mfite ubwoba cyane ko nari naremariye imbere y'ibyo Biremwa. Ndavuga ukuri. Nk'uko Pawulo yabivuze ati "Simbeshya." Mwigeze mumfata ndimo kuvuga ikintu gipfuye ku bijyanye n'ikintu nk'icyo? Ikintu runaka kirenda kuba!

Nyuma y'umwanya, ndavuga nti "Mwami Yesu, niba ngiye kwicwa, uzabimenyeshe kugira ngo ntabibwira indahemuka zanjye; ariko, niba ari ikindi kintu, uzabimenyeshe." I. . . Nta gisubizo na kimwe gihari.

Nyuma yuko Umwuka umvuyeho, mu gihe hafi cy'igice cy'isaha, ndatekereza, cyangwa hejuru, ndavuga nti "Mwami, niba ibyo bisobanura ko ngiye kwicwa, ko warangizanyije nanjye ku isi, kandi - kandi ko ngiye kugarurwa mu Rugo ubu, niba ari ibyo, ni byiza, biri mu mwanya." Noneho naravuze nti "Niba ari ko bimeze, uzabimenyeshe. Uzongere unyohereereze imbaraga Yawe. Ubwo noneho nzamenya ko ntagomba kubibwira indahimuka zanjye, cyangwa uwo ari we wese, kubera ko Wenda kongera kuntwara."

Noneho na. . . Kandi nta kintu cyabaye. Nategereje umwanya, nyuma ndavuga nti "Mwami Yesu, niba ibyo atari byo gisobanuro cyabyo, ahubwo Ukaba ufite ikintu runaka cyo kunkoresha ngomba guhishurirwa nyuma, noneho ohereza imbaraga Yawe." Noneho ibyo binjyana urebye hanze y'icyumba

75 Nibonye mu nguni ahantu runaka. Nashoboraga kumva umugore wanjye, arimo kuzunguza urugi. Urugi rw'icyumba cyo kuryamamo cyari gifunze. Bibiliya yanjye yari ifunguye, kandi nari ndimo nsoma. . . Sinzi, ariko byari, ndizera, mu Baroma, igice cya 9, umurongo wa nyuma "Dore, ndashyira muri Siyoni Ibuye risitaza, Urutare rugusha, Ariko urwizera ntazakorwa n'isoni." Kandi naratekerezaga nti "Mwami Mana, sinumva. Ni umunsi udasanzwe ku bwa njye "Ntibisanzwe ko nabisoma (Umwuka ukomeza kunjyana mu cyumba)."

Nafunze Bibiliya noneho mpagarara aho. Nyuma nagiye ku idirishya (byari hafi saa yine za mu gitondo cyangwa kurenga), nazamuye ibiganza noneho ndavuga nti "Mwami Mana, simbyumva. Ni umunsi udasanzwe ku bwanjye. Kandi urebye nari nataye ubwenge."

Noneho ndavuga nti "Mwami, ibyo bisobanura iki? Ndeka mbisoma na none, niba ari Wowe." Noneho, ibyo bimeze nk'ibya cyana. Mfata Bibiliya noneho ndayifungura. Ibyo byari na none ahantu hamwe - Pawulo abwira Abayuda ko bageragezaga ku. . . aho yabwiraga Abaroma ko Abayuda bageragezaga kumwemezwa n'imirimo, ariko ko tumwemezwa no kwizera.

76 Noneho, ibyo byabaye igihe giteye ubwoba kuva ubwo. Ubu, murabona icyemezo cyanjye. Sinzi ikiba! Sinzi icyo kuvuga! Ariko ubu, mundeke, uhereye ubu, no mu gihe cy'iminota cumi n'itanu cyangwa makumyabiri ikurikira, mundeke rwose ngerageze kubabwira ikintu runaka. Mwibuke ko nta n'inshuro imwe gusa ayo mayerekwa yatsinzwe.

Noneho, ngiye gufata akanya gato Ibyanditswe. Nimwitonda, mu Byahishuwe, igice cya 10. . . Nyamara, mundeke mvuge ibi: Niba iyerekwa rijyanye n'ibyanditswe, rishobora gusa gusobanurwa n'Ibyanditswe. Noneho, ndashaka ko mubishyira hamwe. Noneho, mwe muri aha kandi mwumva bande, mwemere kubivuga mu buryo bumwe mbivuga, kubera ko ibyo byashobora kumvwa nabi mu buryo

bworoshye cyane. (Murarambiwe? Byiza cyane, neza. . . Ndabashimira umutuzo wanyu n'umutima mwiza wanyu.)

77 Noneho, Marayika wa Karindwi. . . Noneho, nk'uko nabyise nti: Bagabo, ese iki ni ikimenyetso cy'iherezo ry'ibihe? Ni he turi? Ese ni ikihe gihe cy'umunsi? Nk'uko umurwanyi unaniwe ahaguruka kandi agacana isaha mu ijoro kugira ngo arebe isaha, ucana urumuri. . . isengesho ryanjye ni "Mana! ndeka ncane urumuri." Ndi mu mwanya uteye ubwoba; iyo muza, iyo muza gusa kumenya, - Mwibuke, mbabwiye mu Izina ry'Umwami ko nababwiye ukuri! Kandi ikintu runaka kirenda kuba! Sinzi! Ngiye kugerageza. Icyo nakiriye ejo hashize, mu gihe nari nicaye mu biro byanjye. Simvuga ko ari ukuri. Ni ikintu gusa runaka kivumbagatanyaga mu mutima wanjye, mu gihe nagendaga mu nzira.

Na - nagombaga kujya. . . gufata igihe runaka noneho nkajya guhiga umunsi umwe hamwe na Charlie, mbere yuko dutandukana.

78 Mundeke mvuge ko, nubwo ngiye mu burengerazuba, ibyo ntibishatse kuvaga ko mvuye kuri iki Gicaniro. Ni uru urusengero Umwami Mana yampaye. Ni ibi ibiro byanjye bikuru. Ni aha mba. Ngiye gusa ku bwo kubaha itegeko nahawe n'iyerekwa. Umuhungu wanjye Billy Paul azaguma kuba umunyamabanga wanjye. Ibiro byanjye bizaba aha ndetse muri uru rusengero.

Hamwe no gufashwa n'Imana, nzaba ndi aha igihe aha hantu hazarangira, kandi nzabwiriza ku Bimenyetso Birindwi. Kandi buri bande mfata amajwi cyangwa ikindi kintu cyose kizakorerwa aha ndetse, muri uru rusengero. Ni aha hantu, uko mbizi kose, aho nshobora kubwiriza n'ubwisanzure buhagije kurusha ahandi hose ku isi, bitewe n'abantu aha bizera, bafite inzara kandi badacika intege. Aha niyumva nk'iwanjye. Ni aha hantu. Kandi nimwitonda, muzabona ko inzozi zavuze ikintu kimwe, murabona: aho ibyokurya. . .

Uko bimeze kose, sinzi ikiri ejo hazaza; ariko nzi ufite ejo hazaza. Ni ikintu cya ngombwa.

79 Noneho, o Mana, niba nibeshya, mbabarira, kandi ufunge umunwa wanjye, Mwami, ku bitari ubushake Bwawe bwose. Nkora ibi gusa kubera ko bintangaje, Mwami. Abantu bashobore kumva ko ari uko ntangaye gusa.

Impamvu ntekereza ko ubusobanuro butigeze buza uwo mwanya, byanyuze mu bwigenge bw'Imana, kubera ko nizera ko byanditse aha muri Bibiliya ku bwa njye. Ubwo, niba bijyanye n'ibyanditswe, Ibyanditswe gusa ni byo bishobora kubisobanura. Niba ari ukuri, bene Data na bashiki banjye, simfite intego yo kubatera ubwoba, ariko twaba tugize neza cyane tubyitondeye. Twiteguye ku. . . Ikintu runaka kirenda kuba.

Noneho, ndavuga ibi mu kubaha no gutinya Imana. Kandi muratekereza ko nzahagarara aha. . . kandi mwizera ndetse ko ndi umuhanuzi; sinsaba kumuba. Amarangamutima yanjye yari aya. Ba. . . umwaka uheruka, navuze ko na. . . ko ikintu kimwe gusa nabonye, ni uko ububyutse bwari burangiye mu bihugu bitandukanye, cyangwa muri iki gihugu rwose. Nakoze urugendo rw'ivugabutumwa, kandi benshi muri mwe bajyanye nanjye. Yoo, byari byiza. Twagize ibihe byiza, amateraniro meza, ibivunge by'abantu benshi; ariko ibyo mu by'ukuri ntibyageze ku ntego yabyo. Uyu mwaka, nzakora urugendo rw'ivugabutumwa. Vuba bishoboka, nzajya muri Afurika, mu Buhinde n'impande z'isi mu rundi rugendo rw'ivugabutumwa.

Niba ibyo bitagenda, ubwo sinzafata amazi cyangwa ibiryo, kandi nzazamuka aho hejuru muri umwe muri iyo misozi miremire, kandi nzaguma aho kugeza Imana insubije mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Sinshobora kubaho gutyo. Sinshobora gukomeza. Ibi bizaba wenda igisubizo. Sinzi. Kugeza Impinduye. . .

80 Muribuka iyerekwa hashize hafi ibyumweru bitatu, rinyereka mpagaze mu izuba, ndimo kubwiriza mu iteraniro? Mwese mwari aha icyumweru giheruka, ndetse n'ibindi byumweru. Mwe mufata amabande kandi muba muri aha igihe afatwa, mwumve ibyo bintu. Kubera ko ubu, ngiye gusa gukora kuri ibyo bintu; kandi mubyitegereze: ndetse n'inkuru irambuye y'ibyavuzwe byose iri muri ibi. Ku bw'ibyo, bigomba kuba ari ubusobanuro. Sinzi. Ni yo mpamvu mvuga nti "Bagabo, ese ni byo?"

81 Nizera ko marayika wa karindwi w'Ibyahishuwe 10 ari intumwa y'igisekuru cya karindwi cy'Itorero, ry'Ibyahishuwe 3:14. Mwibuke. . . Noneho, mundeke nsome (murebe), aho nshobora gusoma. . . Nyamara, yari marayika wa karindwi.

Ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi (umurongo wa 7), ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye nk'uko yabwiye imbata Zayo ari zo bahanuzi.

Noneho, mushobora kubona ko yari marayika; kandi ni marayika w'igisekuru cya karindwi cy'Itorero, kubera ko aha havuga ko ari marayika wa karindwi w'igisekuru cya karindwi cy'Itorero. Mubirebe. . . Niba mushaka kureba aha uwo ari - aho marayika ari, ni mu Byahishuwe 3.14. Ni marayika ku Itorero rya Lawodekiya.

82 Noneho, muribuka igihe ibyo byavugwaga (abamarayika mu bisekuru by'Itorero). . . Nyamara, ibi bizahura neza n'Ibimenyetso Birindwi, tuzaza kuvugaho. Ibimenyetso Birindwi tuzagerageza kuvuga (igihe tuzagaruka iyo nshuro) ni Ibimenyetso Birindwi byanditswe. Kandi ibyo Bimenyetso Birindwi, nk'uko mubizi, ni ukwigaragaza gusa kw'Abamarayika Barindwi b'Amatorero Arindwi. Ariko hari Ibimenyetso bindi Birindwi biri mu mugongo w'Igitabo - ni hanze ya Bibiliya. Murebe, tujyiye kuhagera mu mwanya.

Noneho, mbere yo gutangira ibi, murananiwe? Murashaka guhaguruka cyangwa guhindura uko mwicaye?

83 Mwumve mwitonze. Marayika wa karindwi w'Ibyahishuwe 10.7 ni intumwa y'igisekuru cya karindwi cy'Itorero. Murabona? Noneho, mwitegereze. "Mu minsi. . ." Noneho mubyitegereze.

Ariko mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, igihe azavuza impanda, ubwiru bw'Imana buzaba busoheye. . .

Noneho, aravuga. . . Iyo ntumwa, Marayika wa Karindwi, aha, arabwira ubutumwa bwe Itorero rya Lawodekiya. Murebe ubwo bwoko bw'ubutumwa. Nyamara, ibyo ntibyabwirwaga Marayika wa mbere (ibyo ntiyabihawe), cyangwa marayika wa kabiri, cyangwa marayika wa gatatu, cyangwa uwa kane, cyangwa uwa gatanu, cyangwa wa gatandatu; ahubwo ni marayika wa karindwi wari ufite ubwo bwoko bw'ubutumwa. Byari iki? Murebe ubwoko bw'ubutumwa bwe: ni ugusohoza ubwiru bwose bw'Imana bwanditse mu Gitabo. Marayika wa Karindwi ashyira iherezo ku bwiru bwose bw'Imana bwagumye budasohoye muri ayo mashyirahamwe yose n'ayo madini. Marayika wa Karindwi arongera akabushyira hamwe kandi agashyira iherezo ku bwiru bwuzuye. Ni cyo Bibiliya ivuga. Ashyira iherezo ku bwiru bw'Igitabo cyanditse.

84 Noneho, dufate bumwe muri ubwo bwiru. Niba mubishaka, mushobora kubwandika. Bwa mbere, nzafata icyo Sofitel avuga aha, muri Matayo 13. Niba mushaka kwanduka bumwe. . . Niba mudafite Bibiliya Sofitel, mushobora wenda gusoma ibyo ari byo, nk'uko abivuga, bumwe mu bwiru.

Noneho, umurongo wa 11:

Yesu arabasubiza ati "Mwebweho mwahawe (abigishwa be). . . kumenya ubwiru bw'ubwami bwo mu ijuru ariko bo ntibabihawe. (ubwiru Bwe.)

Dore ubwiru: Ubwiru, mu Byanditswe, ni ukuri mbere y'ikintu cyose kwahishwe kandi ubu guhishuwe mu buryo bw'Imana, ariko kuguma kujyana buri gihe n'ikintu kidasanzwe nubwo hari uguhishurwa. Ubwiru bukomeye cyane, noneho ubwiru bukomeye ni:

85 Nimero ya mbere: Ubwiru bw'Ubwami bw'Ijuru. Ni bwo turimo kuvuga ubu. (13. . . Matayu 13:3-15).

Ubwiru bwa kabiri ni ubwiru bw'ubuhumyi bwa Israel muri iki gisekuru. (Abaroma 11.25 hamwe n'uko byumvikana)

Ubwa gatatu - ubwiru bwa gatatu ni ubwiru bwo guhindurwa kw'abera bakiriho mu iherezo ry'iki gisekuru. (1 Abakorinto 15, ndetse na Abatesalonike 4.14 - 17).

Ubwiru bwa kane, ni ubw'Itorero ry'Isezerano Rishya rigize Umubiri umwe gusa, rigizwe icya rimwe n'Abayuda ndetse n'Abanyamahanga. (Abefeso 3.1-11, Abaroma 16.25; ndetse na Abefeso 6.19, Abakolosayi 4.3).

Ubwiru bwa gatanu, ni ubw'Itorero nk'Umugeni wa Krisitu (Abefeso 5:28-320.

Ubwiru bwa gatandatu, ni ubwa Krisitu muzima, uhora ari umwe uko yari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. (Abagalatiya 2.20, n'Ababeburayo 13:8, n'indi mirongo yindi myinshi isa).

Ubwiru bwa karindwi, ni ubw'Imana, cyangwa bwa Krisitu, nko kuzura mu mubiri k'ubumana, muri We ubwenge bw'Imana n'ubumana bwagaruwe mu muntu.

Ubwiru bwa cyenda ni ubwiru bwo gukiranirwa gusobanurwa mu Batesalonike 2, n'ibindi.

Ubwa cumi ni ubw'Inyenyeri Ndwi z'Ibyahishuwe 1.20 (Twamaze kubibona. Inyenyeri Ndwi zari Amatorero Arindwi. Intumwa Zirindwi, n'ibindi.)

Noneho ubwa cumi na rimwe ni ubwiru bwa Babuloni, maraya w'Ibyahishuwe 17.5-7.

86 Ni bumwe mu bwiru uwo marayika ategetswe gusohoza, ubwiru bwose - ubwiru bwose bw'Imana. . . N'ubundi, nshobora kubivugana kubaha, kandi ntagendeye kuri njye ubwanjye ahubwo kuri Marayika w'Imana:

Urubyaro rw'inzoka, bwabaye ubwiru buhishe mu gihe cy'iyo myaka yose.

Ubuntu, bwagaruwe mu mwanya - oya umuvumo, ahubwo ubuntu bugaragara kandi bw'ukuri.

Ubuntu, bwagaruwe mu mwanya - oya umuvumo, ahubwo ubuntu bugaragara kandi bw'ukuri.

Ntihabaho ikuzimu hatwika bw'iteka. Muzashya mu gihe cy'imyaka y'amamiliyoni, ariko icy'iteka cyose ntigifite itangiriro cyangwa iherezo, kandi ikuzimu hararemwe. Ubwo bwiru bwose. Ubwiru bw'Umubatizo w'Umwuka Wera budafite kumva, ahubwo Umuntu wa Krisitu usohoza muri mwe imirino imwe Yakoze. Ubwiru bw'umubatizo w'amazi, abemera ubutatu bahinduye mu mazina y'icyubahiro ya Data, Umwana n'Umwuka Wera; n'ubwiru bw'ubumana bwasohoye mu mubatizo mu Izina rya Yesu Krisitu, bijyanye n'Igitabo cy'Ibyahishuwe, Itorero, muri icyo gihe, ryagombaga kwakira. Ngubwo bumwe mu bwiru.

Kugaruka kw'Inkingi y'Umuriro. Amina! Ni ikintu gitegetswe kuba, kandi turakibona!

87 Yoo! mbega ukuntu twashobora gukomeza gutanga ubwo bwiru. Turabona iyo nkingi y'Umuriro yayoboraga abana ba Israel - ikintu kimwe cyakubise Sawuli mu muhanda ajya i Damasiko, n'imwe izana n'imbaraga imwe, ikora ibintu bimwe, kandi ihishura Ijambo rimwe, kandi tuguma ku ijambo ku ijambo hamwe na Bibiliya.

Ijwi ry'impanda risobanura impanda y'Ubutumwa bwiza. N'ijwi ry'impanda, muri Bibiliya, risobanura ngo "Mwitegure ku bw'intambara ijyanye n'ibyanditswe. Mwabyumvise? Intambara ijyanye n'ibyanditswe. . . Pawulo yaravuze ati. .. . (Niba mushaka kubyandika, ni 1 Abakorinto 14:8.) Pawulo yaravuze ati "Impanda nivuga ijwi ry'urwijiji, ni gute umuntu azamenya icyo kwitegura?" Kandi, nidatanga ijwi rijyanye n'ibyanditswe, ijwi rihamirije, gihamya y'Ijambo ry'Imana yagaragajwe, ni gute tuzarimenya ku iherezo ry'ibihe?

Niba ivuga ko bizera ko Yesu Krisitu ari uko yari ejo, uyu munsi n'iteka ryose, ariko bagahakana ibimenyetso Bye n'ibitangaza, byatumye kamere yose n'Itorero ryose bimwizera, ni gute tuzamenya uburyo twitegura?

88 Hari umuntu waje afite ikibaho noneho ashushanya ibyo byose; n'undi muntu yaje afite ikindi kintu noneho aragishushanya, kandi cyari gitandukanya n'icya mbere. Bamwe baraje kandi baravuga bati "Dore, ni ibyo", mu kugaruka kuri ibi, n'abandi banditse ibitabo, n'ibindi.

Ariko Imana iza mu mbaraga y'umuzuko Wayo, none ni nde uzabirwanya? Niba Yesu Krisitu ari uko yari ejo, uyu munsi n'iteka ryose. Ni icyo uwo marayika agomba gukora: agomba gufata ubwo bwiru, izo ngingo zitahishuwe abantu bayobaho.

Murebe, niba ibyo bitanga ijwi ry'urwijiji, ritajyanye n'ibyanditswe, ni nde ushobora kwitegura? Ariko impanda. . . Mwabonye buri kimwe muri ibyo bisekuru? Mu gihe nababwiraga iby'Itorero ryazaga, impanda yaravuze, Ikimenyetso cyari cyamenwe; kandi impanda isobanura intambara! Kandi nidatanga ijwi rijyanye n'ibyanditswe, noneho ni iki gihari?

Ariko mundeke mbibutse ibi. Ntimubihombe noneho.

89 Murebe, buri gisekuru cy'Itorero cyagize intumwa yacyo. Turabizi. Pawulo yari intumwa ya mbere. Kandi, igihe impanda ya mbere yavugaga, kandi Ikimenyetso cya mbere kikamenwa. . . Pawulo yari intumwa ya mbere, nk'uko twabivumbuye. Ni iki yakoze? Yatangaje intambara. Kuri nde? Ku Itorero rya orthodoxe (rikurikiza imigenzo), ku kuba ritarizeye ikimenyetso cya Mesiya Yesu yari yarabahaye.

Noneho, baba baragombye kubimenya! Baba baragombye kumenya Uwo Yari we!

Mwibuke ko Pawulo yaje ku iherezo ry'igisekuru. Intumwa zose zaje ku iherezo ry'igisekuru. Ni ku iherezo ry'ibihe ibyo bintu byazanywe.

Pawulo, nk'uzi Ibyanditswe, kandi uzi ko Yesu yari Mesiya, yarwanyije ayo masinagoge agace ku gace binyuze mu Byanditswe, noneho ashyirwa ku rugi rwa buri imwe muri yo; ku buryo, nyuma, yakunkumuye umukungugu w'ibirenge bye noneho ahindukirira amahanga.

90 Byari iki? Ijwi ry'impanda. Marayika ntumwa yari ahagaze aho, afite Ijambo. Yoo! yoo yoo! Ntimubihombe noneho! Ijambo! Kandi Pawulo, hamwe n'ubusobanuro butavangiye bw'Ijambo ry'Imana, arwanya buri rimwe muri ayo masinagoge. Ibyo byafashe ubuzima bwe ho ikiguzi.

Mbega ukuntu dushobora kuvuga nyuma kuri Irenee, i - intumwa y'igisekuru cy'Itorero rikurikira, na Maritini ku bw'igisekuru gikurikira cy'Itorero, igihe inyigisho ya Nikolayiti yatangiraga kwinjira. Bahagurutse barwanya icyo gisekuru. Maritini ahaguruka arwanya igisekuru cye.

Nyuma Luther, intumwa ya gatanu, arwanya iryo Torero gatulika hamwe n'Ijambo ry'Imana. "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera", ni ko yavuze; kandi "Si umubiri mu magambo wa Krisitu", noneho ajugunya hasi gusangira, arasohoka noneho ahagarara arwanya iryo Torero gatulika! Iyo mpanda iravuga. Ni byo. Si byo?

91 John Wesley arahaguruka, mu gihe cy'Itorero rya angilikani ryavugaga riti "Nta mpamvu igihari yo

kugira ububyutse", noneho ibyo bihagarara aho. Ariko John Wesley ahagurukana ubutumwa bw'umurimo wa kabiri w'ubuntu: kwezwa. Kandi aciraho iteka Itorero rya angilikane hamwe n'impanda y'Ubutumwa bwiza - yari yiteguye ku bw'intambara. Ni byo. Yarabikoze.

Noneho, turi mu gisekuru cya Lawodekiya, aho bongeye guhinduka idini: Abametodisiti, Abatisita, Abaperesebiteriyene, Abaruteriyene, Pantekositi, kandi dutegereje ko umuhanuzi aza kugira ngo aciriho iteka iki gisekuru no kongera kubagarura ku gukiranirwa kwabo.

Nyamara, niba ibyo byarabaye imyumvire binyuze mu bisekuru byose, Imana izahindura uburyo Bwayo bwo gukora? Ntishobora kubuhindura. Igomba kurinda uburyo Bwayo busanzwe bwo gukora. Mwibuke, iyo ntumwa yari marayika wa karindwi, kandi yagombaga gufata ubwiru bwose kandi ikabushyira hamwe.

92 Murebe, marayika wa karindwi yagombaga guciraho iteka Itorero rikize rya Lawodekiya. "Ndakize, narakize, kandi nta kintu nkeneye." Yaravuze ati "Urababaje, umutindi, umukene, impumyi kandi wambaye ubusa, kandi ntubizi." Bwari ubwo, ubutumwa bwe.

O Mana! twohererereze umuhanuzi ufite umwete, ufite NI KO UWITEKA AVUZE, Ijambo ry'Imana rihamirije rizigaragarizamo kandi rikagaragaza ko yoherejwe n'Imana! Kandi, igihe azaza, azaciraho iteka ibyo bisekuru. Nta gushidikanya. Azagarura iryo Torero rya Lawodekiya kumurwanya; nta gushidikanya azabikora. Babikoze mu bisekuru byose. Ibyo ntibizahinduka muri iki gisekuru. Ibyo bigomba gusa.

93 Murebe ubu Itorero rya Lawodekiya, intumwa ya Lawodikiya izarangiza i. . . marayika wa karindwi azashyira iherezo ku bwiru bwose bwatakaye mu ntambara ziheruka ku bw'ukuri.

Luther araza, ariko ntiyari afite ukuri. Yari afite gusa kubarwaho gukiranuka. Ni byo. Nyuma haza indi ntumwa, yitwaga John Wesley, hamwe no kwezwa. Ntiyarabifite. Bibiliya iravuga iti. . . Itorero rya Philadelphia. . . Nyuma haza igisekuru cy'Itorero rya Lawodekiya, hamwe n'Umubatizo w'Umwuka, ariko barabyangiza byose kandi bagaruka mu mihango, nk'uko babikoze mu itangiriro - mu gihe Yagombaga gufatwa nka Alufa na Omega. Ikiganza cye kirambuye mu cyerekezo kimwe no mu kindi - Uwa mbere n'Uw'imperuka.

94 Umwuka We wamanutse ku munsi wa Pantekote kandi wuzura iryo tsinda. Rigenda risigaramo ubusa buhoro buhoro, kugeza rinyuze mu bisekuru by'umwijima, Ibitereko Birindwi by'Amatabaza ya Zahabu, Ibisekuru Birindwi by'Itorero. Icya nyuma cyari icyari kure Ye cyane. Habaho i - urebye imyaka igihumbi y'ibisekuru by'umwijima hamwe n'Itorero gatulika. Luther atangira kuzana Umucyo ukurikiyeho, wari uri kurushaho hafi y'Ijambo. Umucyo ukurikiyeho wegereye kurushaho. Umucyo ukurikiyeho, uwa Lawodekiya; nyuma ibyo bigaruka nk'aho byari mu ntangiriro. Ibyo bigaruka mu bisigazwa bimwe nko mu ntangiriro. Ntimubona icyo nshaka kuvuga?

95 Noneho, mukurikire mwitonze. Hari ukuri kwinshi kwatakaye aho hanze. Kubera iki? Kubera ko abandi bashyizeho ibyo bemeranyijeho bijyanye n'ukuri. Ariko uwo marayika wa karindwi nta masezerano n'amwe yashyizeho! Yongera ashyira hamwe ibintu byose bitujujwe - abishyira hamwe byose - kandi, avuza impanda, ubwiru bwose bw'Imana bwagombaga gusohora. Yoo! Imana yarabyohereje. Ubwiru bwose bwahishwe busohora igihe ya. . . Ibyo arabihishurirwa.

Bikozwe n'iki? Niba ari ubwiru bwahishwe, uwo muntu agomba kuzaba umuhanuzi. Noneho ntitwabivuzeho ubushize, kandi tukabona ko umuhanuzi uzaza mu minsi ya nyuma azaba uwo Eliya ukomeye twategereje? Kubera ko ubwo bwiru buhishe abatewolojiya bugomba kuzahishurwa n'Imana. Kandi Ijambo riza gusa ku muhanuzi. Kandi turabizi. Azaba Eliya wa kabiri, nk'uko byasezeranijwe. Yoo! yoo yoo! Ubutumwa aza - azazana buzaba ubwiru bw'ibintu byose.

96 Dufite umubatizo w'amazi; byose byarivanze. Ni byo. Umwe ajojoberezaho amazi, undi asuka amazi; umwe afata "Data, Umwana n'Umwuka Wera", Undi afata ibi. Umwe abatiza inshuro eshatu mbere: inshuro imwe ku - ku Mana yitwa "Data", indi nshuro ku Mana yitwa "Umwana", n'indi nshuro ku Mana yitwa "Umwuka Wera". Undi aravuga ati "Muri mu ikosa, mugomba kubatiza gutyo inshuro eshatu inyuma." Kandi, yoo! mbega umwanda!

Ariko hari iherezo kuri ibyo byose. Kuko hari Imana imwe gusa! Kandi Izina Ryayo ni Yesu Krisitu, kandi nta rindi zina na rimwe riri munsi y'ijuru nk'Iryo. Nta murongo n'umwe gusa w'Ibyanditswe, ahantu hose muri Bibiliya, aho umuntu yigeze inshuro imwe abatizwa ukundi uretse mu Izina rya Yesu Krisitu. Nta n'inshuro n'imwe gusa umuntu ugize kimwe mu gice cy'Itorero rishya, cyangwa ikindi kintu cyose. Nta nshuro n'imwe gusa aho mu muhango bavuze bati "Nkubatije mu Izina rya Data, Umwana n'Umwuka Wera." Ni amahame y'idini, n'ibindi. Kandi, mu ntambara ku bw'ukuri, izo ngingo zaratakajwe; ariko Imana yavuze ko Izabigarura mu minsi ya nyuma. "Nzagarura", ni ko Uwiteka avuga. Twarabibonye, nta gihe kirekire gishize, mu "Igiti-Mugeni".

97 Ibyo bizasaba umuhanuzi. Bibiliya ivuga ko azaba aho. Ni byo. Malaki 4 havuga ko azaba ahari, kandi turabyizera. Turabitegereje, kandi dutegereje kwigaragaza kwe. Kandi tuzabona Ijambo ry'Imana ryahamirijwe.

Hazaba bake gusa bazabyumva. "Ibyabaye mu gihe cya Nowa bizaba kimwe mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu." Ni bangahe bakijijwe? Ubugingo butanu. Mu gihe cya Loti, habaye gusa mu by'ukuri batatu bakijijwe. Umugore we yarasohotse, ariko nyuma ararimbuka. Ni ko bizamera mu kuza k'Umwana w'umuntu. Hazabaho gusa bake cyane bazakizwa, bazazamurwa icyo gihe. Bumwe mu bwiru, ni ubw'umuzamuko w'Itorero. Nk'uko Loti yajyanywe - nk'uko Loti yajyanywe hanze, Nowa yarazamuwe, n'Itorero na ryo rizazamurwa. Umwe arinjira, undi arasohoka; n'undi arazamuka. Murabona, ni ibyo neza.

98 Ijambo riraza. Igitabo cyanditswe imbere noneho kizarangizwa, igihe icyo - igihe tuzaba turangije kumvikanisha ubwo bwiru bwose.

Noneho, mundeke nongere mbisome, kugira ngo mubimenye neza. Noneho, murebe: Ariko mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi (marayika wa nyuma), igihe azavuza impanda, ubwiru bw'Imana buzasohora. . .

Nyamara, ubwiru bw'Imana ni iki. . . bumwe muri bwo? Pawulo yaravuze ati, muri 1 Timoteyo 3, ndizera, yaravuze ati "Kandi, si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane. . . " Kuko Imana yerekanwe ifite umubiri. Twayikozeho, twarayibonye. Yazamuwe mu bwiza. Yabonywe n'abamarayika, kandi igaragazwa ko ikiranuka. Imana yarabibaye.

Nta gushidikanya, ni ubwiru bukomeye, ariko byarasobanuwe mu buryo bwuzuye. Si Data, Umwana n'Umwuka Wera, Imana eshatu, ahubwo Imana imwe gusa mu mirimo itatu. Uwa Data munsi ya Mose, Uw'Umwana munsi ya Krisitu, Uw'Umwuka Wera muri ubu bugabuzi. Ubugabuzi butatu bw'Imana imwe, si Imana eshatu.

Ubwiru ubu burarangiye. Bibiliya ivuga ko yagombaga kubiba.

99 Igihe ba. . . Nabonye, undi munsi, ko abantu b'abanyabwenge bageragezaga kumvuguruza mu byo bavugaga. Igihe navugaga nti "Umuntu umwe yizeraga ko Eva yariye urubuto. . ." Noneho, ba - ubumenyi buvuga ko, mwabonye amazina y'ibyubahiro akomeye mu kinyamakuru undi munsi, ko yariye urubuto. Ni ubugoryi! Ibyo - ibyo byari bumushukashuke? Yoo! Oya nta gushidikanya. Murabona, ni gusa. . . Ibyo - ni byo Kayini yatekereje, murabizi. Yazanye na none icyo kintu, ariko Imana ntiyishimira igitambo cye. Kandi, Abeli umukiranutsi, ahishurirwa ko byari amaraso, kandi azana amaraso. O Mana! iri Torero n'igisekuru turimo. . .

100 Igitabo cyanditswe mo imbere noneho cyarangiye igihe uwo marayika arangije. . . Noneho, mubyumve neza, niba mubyemera. Igihe ubutumwa bwa Marayika wa Karindwi buzarangira: ubwiru bw'ubumana, ubwiru bw'urubyaro rw'inzoka, ubundi bwiru bwose bw'ibyo bintu byose, Urukurikirane rw'igisekuru cy'iteka, nk'uko babivuga. Ni gute Ashobora kuba Umwana w'iteka, mu gihe iteka ridafite intangiriro cyangwa iherezo? Kandi umuhungu ni ikintu kibyarwa. Ni gute ibyo bishobora kuba ukuri?

Ni gute hashobora kubaho ikuzimu h'iteka, mu gihe ikuzimu haremwe? Nizera ikuzimu haka umuriro. Nta gushidikanya; Bibiliya irabivuga. Ariko ni ku bwo kurimbura. Bibiliya iravuga iti "Hahirwa udafite umugabane ku rupfu rwa kabiri." Murabona? Murabona, ntimuzarimburwa n'urupfu rwa kabiri. Urwa mbere ni urw'umubiri. Urwa kabiri ni urw'umwuka, igihe byose bizarangira. "Ubugingo bukora icyaha, ni bwo buzapfa." Muzahanwa n'ibyaha byanyu, wenda mu gihe cy'ibinyejana by'imyaka - ibihumbi by'imyaka.

Ariko ntihashobora kubaho ikuzimu h'iteka, kubera ko Bibiliya ivuga ko ikuzimu haremwe. Ni gute hashobora kuremwa kandi hakaba ah'iteka? Niba harabayeho. . . Bibiliya ivuga ko ikuzimu haremwe ku bwa satani n'abamarayika be. Noneho, niba hararemwe, ntihashobora kuba ah'iteka, kubera ko iteka. . . iby'iteka byose ntibyigeze na rimwe bigira intangiriro cyangwa iherezo.

Ni yo mpamvu tudashobora na rimwe gupfa, kubera ko twahoze turiho. Turi igice cy'Imana, urubyaro rw'Imana. Kandi ni cyo Kintu cyonyine kiriho. Amina! Ntimushobora gupfa na rimwe kuko n'Imana idashobora gupfa, kubera ko muri ab'iteka hamwe na Yo. Amina! Mubireke bize! Aleluya! Dutangiye mu buryo bwose kurambirwa iyo nzu ishaje y'akato.

101 Murebe, Igitabo cyanditse. . . Igihe uwo marayika arangije ubwo bwiru bwose bwagumye mu kirere binyuze mu ntambara barwanye. . . Luther yararwanye, Wesley yararwanye, na Abapantekote bararwanye. Ariko Bibiliya ivuga ko haza umwe, kandi mu minsi azavuzamo impanda, ubwo bwiru bwose. . . Aba Unitaires bagiye bafite Izina rya Yesu. Aba Trinitaires bagiye bafite "Data, Umwana n'Umwuka Wera", nk'uko babikoze mu Nama y'i Nicee; birasa. Bombi baribeshye. Ariko ubu, hagati mu muhanda, mu Byanditswe, harimo ukuri. Murabona aho turi? Marayika w'Umwami. . .

102 Murebe, Ibyahishuwe 5.1. Mwumve ibi, ubu.

Mbonana Iyicaye kuri ya ntebe igitabo mu kubuko kw'iburyo cyanditswe imbere n'inyuma. . . (igice cyanditse cyari imbere) kandi gifatanishijwe ibimenyetso birindwi by'ubushishi.

Ni ukuvuga ko hari ikintu runaka cyanditse imbere y'Igitabo, ariko hanze, mu mugongo w'icyo Gitabo,

harimo Ibimenyetso Birindwi bitari byanditswe mu Gitabo. Nyamara, ni Yohana, umuhishuzi, uvuga. Noneho, mwibuke, ntibyari byanditswe mu Gitabo. "Ariko mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, ubwo bwiru bwose bwanditse imbere buzasohora." Byagombaga gusubizwa kuri uwo munsi.

Noneho, murabona icyo nshaka kuvuga? Murankurikiye?

Ni uwo mwanya noneho Amajwi Arindwi y'Ibyahishuwe 10 ahishurwa. Igihe Igitabo cyarangiraga, hasigaye ikintu kkimwe gusa: ni Amajwi Arindwi y'ubwiru yo Guhinda kw'inkuba, yari yanditse mu mugongo w'Igitabo, Yohana yabujijwe kwandika. Mundeke mbisome.

Mbona marayika - marayika wundi ukomeye, amanuka ava mu ijuru yambaye igicu, umukororombya uri ku mutwe we, mu maso he hasa n'izuba, ibirenge bye bisa n'inkingi z'umuriro.

Mu ntoke ze yari afite agatabo kabumbutse. (Murabona? Noneho mwitegereze ibi.) Nuko ashyira ikirenge cye cy'iburyo ku Nyanja, n'icy'ubumoso agishyira ku butaka.

Arangurura ijwi rirenga nk'uko intare yivuga, avuze iryo jwi rirenga guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuga amajwi yako. (Mwitegereze)

Kandi guhinda kurindwi kw'inkuba kumaze kuvuga, nari ngiye kwandika;

(Ikintu runaka kiravugwa. Ntibyari urusaku gusa. Hari ikintu runaka cyavuzwe. Yari agiye kwandika.)

Nuko numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira

103 (Murebe aho amajwi ari, mu Guhinda kw'inkuba: si mu ijuru, ku isi! Guhinda kw'inkuba ntikwigeze na rimwe kumvikanisha amajwi yako mu ijuru, kwayumvikanishije ku isi.)

Naringiye kwandika; nuko numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti: Zigama. . . Iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike."

(Ni mu mugongo.) Igihe igitabo cyarangiraga. . . Nyamara, ntiyavuze ko byari imbere, ahubwo mu mugongo. Nyuma yuko byose birangiye, noneho uko Guhinda Kurindwi, ayo majwi, ni ikintu kimwe gihambiriye ku Gitabo, kidahishuwe. Ntibinanditse mu Gitabo.

Yoo! yoo yoo! Nakwifuza kubyumvisha abantu, kugira ngo bashobore mu by'ukuri. . . Ntimubihombe, nti - ntimubihombe, ndabasabye, iyi nshuro ntimubikore. Ndenda kubasiga. Ntimubihombe! Niba hari igihe mwigeze mwumva, noneho mwumve ubu. Ibyo Bimenyetso mu mugongo w'Igitabo kandi, mu gihe marayika wa karindwi avuza impanda, ubwiru bwose bwanditse mu Gitabo burahishurwa. Kandi, uwo mwanya, Igitabo, cyari gifunguye kandi cyanditsemo imbere, kirafungwa! Ubwiru bw'Imana burasohoye. Kandi ni ubwiru bw'Imana: kugenda kw'Itorero n'ibyo bintu bindi byose. Ubwiru burarangiye.

104 Igihe uwo marayika wa karindwi atangaje ubwo bwiru bwose, birarangiye. Uwo ari we wese, icyo ibyo byashobora kuba, Ijambo ry'Imana ntirishobora gutsindwa. Kandi Yaravuze ati:

Ariko mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, igihe azavuza impanda, ubwiru bw'Imana buzasohora, nk'uko yabibwiye imbate zayo, abahanuzi.

Ibyo bintu byose, nk'uko Roma ari ma - maraya, n'andi Matorero yose y'abaporotesitanti - amadini - ahinduka nka yo, amadini; yahinditse maraya wayo. Murabona? Ubwo bwiru bwose, abahanuzi bavuze, buzahishurirwa aha ndetse muri iyi saha ya nyuma. Kandi, igihe uwo marayika wa karindwi agaragaye mu gisekuru cya Lawodekiya kandi agatangira kuvuza impanda y'ukuri. . . Kubera ko bizaba bitandukanye, ntibazamwizera; ntibazamwizera nta gushidikanya. Ariko azaba ari umuhanuzi usize, kubera ko nta bundi buryo na bumwe bwo kubitekereza.

Abantu bageragеje gutekereza ubutatu, noneho bafata imisatsi y'umweru kandi bahinduka abasazi. Nta muntu ushobora kubyumva. Bizera igihe cyose ko Eva yariye urubuto, n'ibyo bintu byose, kubera ko umuntu yahagaze ku migenzo, kandi Yesu yabonye Itorero muri iyo mimerere. Ariko bigomba kuzaba umuhanuzi uyobowe n'Imana, kugira ngo Ijambo ry'Imana rimusange rifite ubusobanuro bw'ukuri bwo guhishura kwa Yesu Krisitu! Noneho, bi - bigomba kumera gutyo! Imana idufashe!

105 Iyo avugije impanda. . . Noneho, ni NI KO UWITEKA AVUZE! Twabyumvise neza. Iyo ari kuvuga ubutumwa bwe, atangije intambara, nk'uko Pawulo yabikoze ku Aba Orothodoxes, nk'uko n'abandi babikoze, Luther, Wesley, barwanya amadini, iyo abatangijeho intambara kandi akababwira ko babeshya, ko atari ukuri, kandi ko bajyana abantu mu ikosa; iyo abitangaje,. . . ntimushobora. . . ibyo ntibizatsindwa, kubera ko bizagaragazwa n'Ijambo ry'Imana. Muzamenya neza icyo ari cyo. Ubwo rero azahamagarira abantu gusohoka i Babuloni "Musohoke hagati muri yo, bwoko bwanjye, kugira ngo mutazasangira ibyaha byayo." O Mana! byohereze! Ntimubihombe.

106 Noneho, igihe azatangira kuvuza impanda, ubwiru buzarangira. Noneho, murebe, noneho ni umwanya aho Amajwi Arindwi yafungishijwe ibimenyetso y'Ibyahishuwe 10 agomba guhishurwa. Murabyumva? Igihe

ubwiru bwose bw'Igitabo burangiye, kandi Bibiliya ivuga aha ko azarangiza ubwiru. . .

Mu gihe abantu, mu bisekuru bibanza, barwaniye ukuri, barwaniye kubarwaho gukiranuka (bibaza impamvu), kwezwa, ku bw'ibi na biriya. . . Ni iki bakoze? Barahindukiye kandi bakora amadini. Ni kimwe ku Bapantekote, Abatisita, Abaperesebiteriyene, Abaluteriyene; bose bakoze ikintu kimwe. Barahindukiye kandi bakora ikintu kimwe. Kandi Bibiliya iravuga, mu Byahishuwe 17, ko ari cyo bazakora. Wa mukecuru w'umusambanyi n'abakobwa be - ubwiru bwa Babuloni.

107 Bibiliya ivuga aha ko bizaba bumwe mu bwiru buzahishurwa. Abaporotesitanti: abasambanyi barwanya ubuhehesi bw'umwuka, bayobora abantu mu madini hamwe n'igikombe cyabo cyo gukiranirwa cy'imyizerere y'abantu, kandi bakabajyana kure y'isoko yuzuye Amaraso, aho imbaraga y'Imana Ishobora Byose itemba mu bwigenge kugira ngo igaragaze Yesu Krisitu.

Niba ibyo ari ukuri, ubwo Imana izabishyigikira; kandi Yarabikoze. Kandi Izakomeza kubikora. Ariko, iyo ibyo bibaye, Ijambo riba rirangiye.

Noneho, hasigaye ikintu kimwe gusa: ni Uguhinda Kurindwi kw'Inkuba tutazi. Kandi ibyo ntibyahindiye ubusa. Imana ntikora ikintu runaka gusa kugira ngo ikine. Twe, turakina kandi tugakora ubugoryi, ariko Imana oya. Byose ku Mana ni yego, yego, na oya, oya. Ntikora ibintu byo gusetsa. Ntisetsa. Iyo Ivuze ikintu runaka, ni cyo Iba Itekereza, kandi nta kintu ivuga, uretse gifite igisobanuro.

108 Kandi Guhinda Kurindwi kw'Inkuba kuri aha ndetse, mu byahishuwe bya Yesu Krisitu ni ubwiru, ni ukuvuga ko hari ubwiru buhishe kuri ibyo. Ni iki? Guhinda Kurindwi kw'Inkuba kuragifite. Kuko Yohana yari ajyiye kwandika, noneho ijwi ryumvikana mu ijuru, rivuga riti "Ntubyandike. Ahubwo bifungishe ikimenyetso; bifungishe ikimenyetso neza. Bishyire mu mugongo w'Igitabo." Ibyo bigomba guhishurwa. Ni ubwiru.

Nyamara, twagaragaje ibyo bintu n'Umwuka Wera. Watubwiye ko atari imbuto, ko byari igitsina. Watubwiye ko ibyo bintu. . . Nta muntu ushobora guhagarara imbere y'ibyo. Sinigeze mbona, mu buzima bwanjye, umubwirizabutumwa n'umwe wemeranyije n'ibyo. Ariko narabajije nti. . .

109 Murabizi, i Chicago, igihe twahagararaga imbere yabo, hafi ababwirizabutumwa magana tatu na mirongo itanu. . . (Mwe, bashiki bacu, muri aha, kandi muturuka i Chicago, mwari aho, kandi mwabyumbise babivuga.) Umwami yamvugishije amajoro atatu mbere, avuga ati "Bazagutega umutego." Yaravuze ati "Uzahagarare aho hafi y'idirishya, kandi nzakwereka."

Yaravuze ati "Bwana Carlson na - na Tommy Hicks bazagusanga ejo mu gitondo kandi bazashaka kujya kurya; noneho uzabwira Tommy gusigara." Noneho aravuga ati "Dore ukuntu bizamera: Uzababwire ko batazakorera iryo teraniro ahantu batekereza. Bazajya ahandi hantu." Yaravuze ati "Ntutinye, Nzabana na we." Ibyo birampagije.

Bucyeye bwaho, bwana Charlson, perezida w'ishyirahamwe rya Hommes d'Affaires du Plein Evangile, yaraje kandi arambwira - yavugiye kuri telefone ati "Mwene Data Branham, ndashaka kujya gusangira namwe."

Naravuze nti "Byiza cyane." Naravuze nti "Murebe neza, Tommy Hicks azaba nawe ahari."

Noneho najyiye i Town n'i County, noneho arambwira ati "Noneho, Mwene Data Branham, yoo! birahebuje-. . ."

Naravuze nti "Tommy, uzamfasha?"

"Cyane rwose, Mwene Data Branham."

Naravuze nti "Ndibaza niba udashobora kuzavuga mu mwanya wanjye."

Aravuga ati "Yoo! si - sinashobora kubikora."

Narabajije nti "Kubera iki? Simfite amashuli na make y'ibanze, kandi na - navuga ko. . . Navuga ubwami bw'abami [empire mu cyongereza - N.D.T.] aho kuvuga umusifuzi [umusifuzi mu cyongereza bavuga umpire. - N.D.T.]" Murabona? "Sinzi ukuntu navuga imbere yabo, kandi aho hazaba hari ishyirahamwe ry'ivuga butumwa ryitwa Association Pastorale du Grand Chicago. Ni gute nzavuga imbere yabo, n'amashuli yanjye yo hasi, Tommy? Wowe, uri dogiteri muri tewolojiya." Naravuze nti "Uzamenya ukuntu wavuga, mu gihe njyewe ntabishobora."

Yaravuze ati "Mwene Data Branham, sinashobora kubikora."

Naravuze nti "Kubera iki? Naragufashije cyane." (Nabivuze mu buryo bwihuse.)

Noneho mwene Data Carlson yaravuze ati "Yoo! Mwene Data Branham, ntiyashobora kubikora."

Ndabaza nti "Kubera iki?"

Aravuga ati "Noneho, uuh. . .uuh. . . ibyo. . . uuh. . ."

110 Ndavuga nti "Muzi impamvu? Muzi impamvu, ariko ntimushaka kubimbwira. Banteze umutego." Kandi ndavuga nti "Mwene Data Carlson, muzi icyo cyumba cya hoteli aho twigeze gukorera umunsi mukuru, si byo?"

"Yego."

Naravuze nti "Ntimuzakibona."

Yaravuze ati "Noneho, Mwene Data Branham, twamaze gutanga amafaranga aho."

Naravuze nti "Nta cyo bimbwiye cyane icyo mwakoze, ibyo ntibizabera aho. Ni sale y'ibara ry'icyatsi, mu gihe tuzaba turi muri sale y'ibara ry'ikijuju. Nzaba ndimo hagati mu nguni. Dogiteri Needle azicara iburyo; uwo mugabo w'umwirabura n'umugore we bazicara aha; n'ibindi n'ibindi aho; hazaba hari umupadiri w'umubudisiti wicaye ku mpere z'iburyo bwanjye; kandi dore ukuntu bazaba bambaye."

Naravuze nti "Uzi icyo ari cyo, Tommy. Uzi ko iryo shyirahamwe ryitwa Association Pastorale du Grand Chicago rizandwanya ku bijyanye n'umubatizo mu Izina rya Yesu Krisitu! Iryo shyirahamwe Association Pastorale du Grand Chicago rizandwanya ku bijyanye n'ikimenyetso cy'Umwuka Wera kitari ukuvuga mu ndimi! Bazandwanya ku bijyanye n'urubyaro rw'inzoko n'ikibwirizwa cy'ubuntu."

Tommy arandeba noneho aravuga ati "Ubuntu bw'Imana!" Yaravuze ati "Ndatekereza ubwo ko ntazagenda!"

Naravuze nti "Yego, ngwino nawe!"

111 Noneho umunsi ukurikiyeho, umuntu wari wafashe amafaranga ayamugarurira avuga ati "Dufite itsinda ry'ababyinnyi ryari ritegenyijwe, kandi twarabyibagiwe kubera ko twabuze ifishi; noneho biza kuba ngombwa ko duha sale abo babyinnyi, ku bw'ibyo ntimushobora kuyibona." Noneho twajyiye i Town n'i County.

Igihe ninjiraga muri sale icyo gitondo, bose bari bahari. Nyuma yo kwicara inyuma y'intebe, aho inyuma, nyuma yo kurya, narategereje, ndimo kubareba. (Twaririye mu cyumba, nyuma turasohoka kugira ngo tujye kwicara aho.) Kandi hari iryo shyirahamwe Association Pastorale du Grand Chicago. Kandi nabarebaga uruhande rwanjye. Buri umwe yivuze, nka dogiteri muri filozofiya, mu mategeko, Q.U.S.T. n'ibindi bintu nk'ibyo. Nagumye gusa kuguma kwicara noneho ndabumva kugeza barangije.

112 Mwene - Data Carlson yarahagurutse. Yaravuze ati "Bagabo. . ." Mwese muzi Hank Carlson. (Noneho, tubifite hano kuri bande; niba mushaka kugura bande, iri aha. Bene Data barayifite.) Yaravuze ati "Bagabo, noneho mberetse mwene Data Branham."

Aravuga ati "Wenda ntimwumvikana na we ku bijyanye n'imyemerere ye, ariko mundeke mbabwire ikintu kimwe: Hashize iminsi itatu, twari twicaye ahantu runaka, kandi niba uyu mugabo atarambwiye ikizaba iki gitondo, ni uko ntahagaze aha ubu. Yambwiye ko mwari mwiteguye mwese kumubaza ku myizerere ye, kandi yambwiye ko ngomba guhindura aho hantu handi noneho tukaza aha; kandi yambwiye neza aho dogiteri Mead n'abo bantu bandi bazaba bicaye neza cyane, kandi ngabo." Yaravuze ati "Wenda ntimwumvikana na we ariko ngomba kubabwira ikintu kimwe: ni umunyamwete mu byo atekereza." Yaravuze ati "Noneho, Mwene Data Branham, mbahaye ijambo."

113 Naravuze nti "Mbere yo gutangira. . ." (Nasomye ibyo nasomye iki gitondo, sinasuzuguye iyerekwa ryo mu ijuru.) Naravuze nti "Noneho dushyire mu mwanya ibi. Noneho, muravuga ko mwese muri abadogiteri muri tewolojiya, kandi mpagaze aha njyenyine." Naravuze nti "Niba ari ko bimeze, murashaka kumbaza ibibazo ku mubatizo mu Izina rya Yesu; tujyiye gutangirana n'ibyo. Ndashaka ko umwe muri mwe azana Bibiliya ye kandi agahagarara aha, iruhande rwanjye, ku bijyanye n'ibyo nigishije byose." Naravuze nti "Muhagarare aha, iruhande rwanjye, kandi hamwe n'Ijambo ry'Imana, mugaragaze igitandukanye."

Narategereje, noneho nta muntu wavuze ikintu icyo ari cyo cyose. Naravuze nti "Ndasaba ko umwe muri mwe aza agahagarara iruhande rwanjye. Mufite ikihe kibazo? Noneho muhagarare kunsebya niba mufite ubwoba bwo guhagarara aha, iruhande rwanjye." Si njye batinye, ni uwo Marayika w'Imana Ishobora Byose; kuko bazi ko, niba Ashobora kumbwira ikintu runaka mbere. . . Bari abahanga cyane kurusha uko nabitekerezaga. Bari bazi ko byaba byiza kurushaho kudahagarara aho.

114 Murazi, namwe mwibonye mu mimerere isa. . . Ariko ntibabikoze. Ni iki kiri kuba? Niba bikomeye cyane, kandi bakaba bazi ko ari byo cyane. . . Nabishyize kuri bande, kandi niteguye, ahantu aho ari ho hose, kubivugaho mu buryo bwa gikirisitu hamwe na mwene Data wese. Sinzajya impaka hamwe n'umuntu uwo ari we wese, ariko ndashaka ko mwaza mukagaragaza igitandukanye n'ibyo, n'Ijambo, mudakoresheje ibitabo byanyu cyangwa icyo dogiteri runaka yavuze cyangwa runaka cyangwa

umutagatifu runaka na runaka. Ndashaka kumenya icyo Imana yavuze. Ni urufatiro. Ndashaka kumenya icyo ari cyo. Ntibabikora.

115 Noneho, murebe: Igihe ari umwanya ko Amajwi Arindwi. . . Ni umwanya rwose, igihe Igitabo kirangiye, Amajwi Arindwi y'Ibyahishuwe 10 ahishuwe. Noneho, mwitondo, mwumve neza. (Sindibubatindane cyane, nzi ko mbananiza, aho; ni saa yine zibura makumyabiri.) Mwumve mwitonze noneho. (Nzi ko muhagaze kandi ko mwese muhindura umwanya. Nzishima igihe urusengero ruzatungana, kandi ntituzongere gukenera kubyigana. Noneho tuzashobora gufata umunsi wose tubwiriza.)

Noneho, murebe. Mufate ibi: Amajwi Arindwi yari Uguhinda kw'inkuba, guturika!

O Mana! dufashe! Niba nibeshya, Mwami, umbabarire.

Ni mwe noneho mbaza ikibazo. Habayeho gukubita kw'Inkuba igihe iryo jwi ryumvikanaga. Mwabonye, igihe Ibimenyetso Birindwi byakurikiraga Ibisekuru Birindwi by'itorero, igihe Ikimenyetso cya mbere cyafungurwaga, habayeho urusaku rw'Inkuba. Noneho Ikimenyetso cya mbere ku mugongo w'Igitabo nticyafungutse mu buryo bumwe? Imana ntihindura gahunda Yayo.

116 Dusome mu Byahishuwe 6.

Nuko mbona Umwana w'Intama amena kimwe muri ibyo bimenyetso birindwi, bifatanije cya gitabo, numva kimwe muri ibyo bizima bine kivuga ijwi nk'iry'inkuba kiti “Ngwino.”

Nyamara, ntihigeze habaho ukundi Guhinda kw'inkuba; kandi, igihe Ikimenyetso cya nyuma cyafungurwaga, mu ijuru habaho guceceka kw'igice cy'isaha. Ariko, igihe Ikimenyetso cya mbere cyafungurwaga, habaho Guhinda kw'inkuba.

Yoo, Torero, ibyo byashoboka? Turi kure natwe? Mutekereze, nshuti zanjye! Wenda. . . Nizeye ko atari ibyo, ariko, iyo biza kuba ibyo? Uko guturika kwari iki? Imbere y'Imana n'iyi Bibiliya ifunguye, simbeshya! Guturika kwanyeganyije isi. Kandi, igihe icya mbere mu Bimenyesto Birindwi cyafungurwaga muri Bibiliya, habayeho guturika, rwose kumwe, kwanyeganyije byose. Guhinda kw'inkuba kumwe. Noneho ubwo, niba Ibimenyetso biri mu mugongo byarafungutse, ntihazanabaho urusaku rwo Guhinda kw'inkuba? Sinzi. Sinshobora kubivuga.

Habayeho Guhinda kw'inkuba. Ikimenyetso cya mbere. . . Kandi Ikimenyetso cyari Uguhinda kw'inkuba, Impanda yari ifunguye icyo gihe, kandi Impanda yavuze neza cyane kuri Pantekote. (Singiye kwinjira aho imbere.)

117 Nyamara, niba iyerekwa ryari rijyanye n'ibyanditswe (iyerekwa ndikuvuga ubu, kandi nabonye ku wa gatandatu mu gitondo, hashize ubu icyumweru). . . Niba. . . ubu, mwibuke, niba iyerekwa ryari rijyanye n'ibyanditswe, rigomba gusobanurwa n'Ibyanditswe, cyangwa rikaba gukomeza kw'ibyo Byanditswe (Ndumva ibyo byinjira neza.) Niba icyo nabonye. . . Icyo byari cyo, simbizi, ariko nishwe n'ubwoba! Nta kintu na kimwe kigisigaye? Turi kw'iherezo? Mwibuke, uwo Marayika yavuze ko igihe ibi bizaba, Yarahiye ko nta gihe kizaba kigihari. Ndibaza niba mu by'ukuri tubyumva.

Muravuga muti “Noneho, biragaragara ko ibyo byagombaga kwiyumvikanisha binyuze. . .” Mwene Da, Azaza ku munota mudatekereza. Muzabyumva ku nshuro ya nyuma.

118 Noneho, ese biragaragara? Igihe Ikimenyetso cya mbere cyafungukaga, Ikimenyetso cyari imbere mu Gitabo, ubwo bwiru bwavuzwe: kubarwaho gukiranuka, kwezwa, Itorero gatulika ry'i Roma, Abaporotesitanti, izo ngingo zose zitavuzweho mu Ijambo ry'Imana intambara zabo ntoya zasize, zashyizwe hamwe kandi zisobanurwa na marayika wa karindwi igihe yazaga. Murabona? Kandi, iyo arangije, Guhinda Kurindwi kw'inkuba kumvikanisha Amajwi yako! Noneho Yohana atangira kwandika, ariko Aramubwira ati “Ntubyandike, bifungishe ikimenyetso.” Icya mbere mu Bimenyetso imbere mu Gitabo cyafunguwe no Guhindwa kw'inkuba.

Niba ari Ibyanditswe, ibyo bishobora kuba gusa. . . Niba umurongo runaka w'Ibyanditswe ari. . . Ibigomba byose guturuka muri Bibiliya. . . Nk'urugero, ntimushobora kumbwira ko habaho purigatori n'ibintu nk'ibyo. Nta Cyanditswe na kimwe muri Bibiliya cyo gushyigikira ibyo.

119 Ntimushobora kumbwira ibyo bintu, nk'iby'igitabo cy'Abamakabe, gishobora kuba kiza, n'icyo gitabo cya kane cya Daniyeli, aho Marayika yamufashe n'umusatsi noneho akavuga ati - akamurambika ku butaka. Ibintu nk'ibyo ntibyigeze bibaho muri Bibiliya. Kimwe nuko, iyo bivuzwe ko Yesu w'i Nazareti yaba yarakoze inyoni ntoya mu ibumba, akayishyiraho utuguru noneho akavuga ati “Igurikire, kanyoni” - ni ubuguryi. Nta kintu kiri muri Bibiliya cyo kubishyigikira.

Ku bw'ibyo, ibyo ntibibeshya. . . A - abasobanuzi. . . Imana yakoze ku buryo abasobanuzi batanongeraho ayo mahame n'ubwo bugoryi. Bene Data b'Abamakabe wenda bari abantu b'intwari. . . simvuga igitandukanye, ariko ntibyari bijyanye n'ibyanditswe. Dore guhishurirwa kuzuye kwa Yesu Krisitu. Nta kintu cyashoboraga kongerwaho cyangwa gukurwaho. Kandi, niba tubishyira aho imbere, ibyo

ntibijyanye n'ibindi Byanditswe bisigaye. Hari Ibitabo mirongo itandatu na bitandatu muri iyi Bibiliya, kandi nta n'ijambo rimwe gusa rizanyuranya n'irindi.

120 Noneho ubwo, niba ari ugukomeza ku bw'izo Mpanda za nyuma zigomba kuvuga, cyangwa kw'uko Guhinda Kurindwi kw'inkuba kwa nyuma kuje, ubwiru, Ibimenyetso bya nyuma, ibyo bigomba kuzahuza cyangwa gusa n'Ibyanditswe bisigaye. Kandi, niba ibya mbere imbere byarafunguwe no Guhindwa kw'inkuba, bizamera kimwe no ku bya kabiri biri mu mugongo.

Mwitegereze ikibaye. Niba iyerekwa ryari rijyanye n'ibyanditswe, noneho rigomba gusobanurwa n'Ibyanditswe, cyangwa kuba gukomeza kw'ibyo Byanditswe.

121 Murebe, Ibyahishuwe, imirongo ya 3 na 4. Guhinda Kurindwi kw'inkuba. . . Guhinda Kurindwi kw'inkuba! Nyuma murebe. . . (imirongo ya 3 na 4) Noneho nyuma iki? Indahiro y'uwo Marayika ukomeye, avuga ko igihe cyarangiye. Igihe uko Guhinda Kurindwi kw'inkuba, murabona, kumvikanishaga Amajwi yako, noneho Marayika. . .

Mubitekerezeho. Marayika utwikiriwe n'igicu, n'umukororombya hejuru y'umutwe We. Noneho, muzi uwo ari we! Yakandagije ikirenge kimwe ku isi n'ikindi ku Nyanja. Nyuma, Azamura ikiganza Cye kandi arahira ko, igihe uko Guhinda Kurindwi kw'inkuba kuzaba kumaze kumvikanisha Amajwi yako, nta gihe kizaba kigihari! Kandi niba ubukozi bw'ubwiru bw'Imana bwararangiye. . . Noneho bibaye ari ukuza ku bwo bwiru burindwi? Mu rusengero ruto rworoheje nk'urwacu, kandi Ishobora Byose ikaza kandi ikita ku mimerere yoroheje y'ubwoko Bwayo.

Muravuga muti "Noneho, sintekereza." Wenda si ibyo, ariko iyo biza kuba ari ibyo? Noneho igihe cyageze ku musozo. Mwabitekerejeho? Mubihe agaciro. Ibyo bishobora kuba ari impita kare kurusha uko tubitekereza.

122 Izo nyenyeri zikoze itsinda ryazo aho; uwo Marayika waje kandi akavuga ati "Nk'uko Yohana yoherejwe kugira ngo arangize Isezerano rya Kera kandi agasobanura Krisitu, Ubutumwa bwawe buzasubiza ingingo zose zidasubije kandi asobonura Mesiya, rwose mbere yo kuza Kwe" - Ubutumwa bw'iminsi ya nyuma. Murebe, Marayika ukomeye arahira, n'indahiro, ko hatazongera kubaho igihe ukundi. Noneho, sinshaka kubatindana igihe kirekire cyane. mutekereze kuri ibi umunota umwe ubu.

123 Noneho, mwumve. Uwo Marayika yamanutse mu ijuru. Murabona, abandi b'abamarayika barindwi b'Amatorero Arindwi bari intumwa zo ku isi, ariko uwo Marayika. . . Ubutumwa bwose bwararangiye. Marayika wa karindwi asoza byose. Uwo Marayika azaza, ataje ku isi - Si umuntu wo ku isi, nk'intumwa z'ibisekuru by'Amatorero; ibi, byararangiye. Ariko uwo Marayika azanye itangazo rikurikira (kandi marayika bishatse kuvuga intumwa), kandi Amanutse mu ijuru, atwikiriwe n'Inkingi y'Urumuri, y'icyo gicu, hamwe n'umukororombya hejuru y'umutwe We. Kandi umukororombya ni isezerano. Byari Krisitu, hamwe n'ikirenge ku isi n'ikirenge ku Nyanja, kandi Arahira ko hatazongera kubaho igihe.

124 Bagabo, ni he turi? Ibi byose bishatse kuvuga iki? Ni mwe mbaza ikibazo.

Abandi bamarayika bari intumwa, abantu bo ku isi. Ariko uwo Marayika. . . Biravugwa biti: Kuri marayika w'Itorero ry'i Lawodekiya, kuri marayika w'Itorero rya Efeso - intumwa zo ku isi. Murabona? Abantu, intumwa, abahanuzi, n'ibindi. . ., boherejwe ku Itorero. Uyu ntiyavuye ku isi; Yavuye mu Ijuru, kubera ko ubwiru bwari burangiye mu buryo bwuzuye. Kandi, igihe ubwiru bwarangiraga, Marayika aravuga ati "Ntihazongera kubaho igihe", noneho Guhinda Kurindwi kw'inkuba kumvikanisha Amajwi yako.

Noneho iyo biza kuba ikintu runaka kitwemerera kumenya ukuntu twinjira mu kwizera k'umuzamuka! Ese ni ibyo? (Tuziruka kandi dusimbuke hejuru y'inkuta?) Ikintu runaka kirenda kuba, kizatuma iyi mibiri ishaje itagifite isura kandi idafite agaciro ihinduka? Nshobora kubaho kugira ngo mbibone, o Mwami? Ese biregereje cyane ku buryo nzabibona? Ese ni iki gisekuru? Bagabo, bene Data, ni ryari? Ni he turi?

125 Turebe isaha, karindari, kugira ngo turebe itariki turiho. Israel iri muri Palesitina, mu gihugu cyayo. Ibendera rifite inyenyeri rifite imitwe itandatu ityaye rya Dawidi hashize imyaka ibihumbi bibiri (yego, hashize hafi imyaka ibihumbi bibiri na magana atanu), idarapu rya kera kurusha ayandi, rirahuha. Israel yagarutse mu gihugu cyayo. "Igihe umutini uzatoha. . . iki gisekuru ntikizapfa, ntikizashira, ibyo byose bitabaye."

Amahanga arasenyutse,

Israel irakangutse,

Ibimenyetso abahanuzi bahanuye.

Iminsi y'Abanyamahanga irabaze,

Buzuye ubwoba.

Garuka, o wowe watatanye, usanga abawe.

Ubwoba buciye intege umutima w'abantu.

Mwuzure Umwuka,

Amatara yanyu asukuye kandi acyeye.

Muzamure amaso, gucungurwa kwanyu kuregereje.

Abahanuzi b'ibinyoma barabeshya;

Bahakana ukuri kw'Imana,

Ko Yesu, Krisitu, ari Imana yacu.

(Muzi ko ari ukuri.)

Ariko tuzanyura aho intumwa zanyuze.

Kuko umunsi wo gucungurwa wegereje,

Umutima w'abantu. Uciwe intege n'ubwoba.

Mwuzure Umwuka,

Amatara yanyu asukuye kandi acyeye.

Muzamure amaso, gucungurwa kwanyu kuregereje.

126 Ibyo bishobora kuba byegereje kurusha uko mubitekereza. Ibyo byanteye ubwoba! Yoo! sinakoze ibihagije. Ni he turi?

Nta gihe kigihari. Aratangaza ko igihe cyarangiye. Ni iki kibaye? Ni iki kibaye? Ibyo byashobora kuba ari ibyo ubu, bene Data? Mutekereza mukomeje! Niba ari ko bimeze, noneho piramide itwikiriwe no Guhinda Kurundwi kw'inkuba.

Muribuka ubutumwa kuri piramide? Ni ibuye risoza. Ni iki ryakoze? Umwuka Wera wapfundikiye umuntu kandi umushyiraho ikimenyetso, nyuma yuko twongereye ku kwizera kwacu: gukiranuka, kwera, kwizera, n'ibindi. Twakomeje kongeraho kugeza tubonye ibintu birindwi, kandi icya karindwi, cyari Urukundo, ari rwo Mana. Ni gutyo Ikora umuntu. Iramupfundikira kandi ikamushyiraho ikimenyetso cy'Umwuka Wera.

Noneho, niba ari uko bimeze, Yagize ibisekuru birindwi by'Itorero, arimwo havuzwe ubwiru burindwi barwaniye, kugira ngo babugarure; kandi ubu Ibuye risoza rije kugira ngo ripfundikire Itorero. Ese ni byo Guhinda Kurindwi kw'inkuba bishatse kuvuga, bene Data? Bagabo, ese ni aho turi?

127 Junie, ndashaka gufata inzozi zawe (mbere yuko piramide ibwirizwa, amezi mbere y'ibyo) yabonye inzozi. Muravuga muti "Inzozi zije kumara iki?"

Nebucadinezari yabonye inzozi (Daniyeli yasobanuye) zasobanuraga intangiriro y'igisekuru cy'amahanga n'igihe kizarangirira. Ibyo byagenze neza gutyo. Nta n'ikintu gito cyatsinzwe.

Mwarabibonye? Ibyari byanditswe ko u - ku rutare, nari ndimo kuzisobasobanurira. Bari buzuye ibyishimo. Ni ubwiru bw'Imana, butumviswe mu gihe cy'imyaka. Byashobora kuba ibyo? Mwongere murebe: Mu buryo bw'ubwiru, twatoraguye (mu mwuka wo mu kirere) igikoresho gityaye cyafunguye agasongero; kandi aho imbere hari urutare rw'umweru, ariko ntibyasobanuwe. Nta nyuguti zari zihari. Sinabisobanuye, Junior; narabirebye gusa. Noneho mbwira bene Data nti "Murebe ibi". Kandi uwo mugoroba, byarasohoye!

Mu gihe babyigaga, najyiye mu ibanga mu cyerekezo cy'iburengerazuba. Mu yihe ntego? Wenda kugira ngo nakire ubusobanuro bw'ibyanditswe mu gasongero k'ibi. Ibyo byashoboka?

128 Nonneho, ikindi gitondo, uko guturika kwanyeganije, kugeza nzamutse mu kirere hejuru cyane kurusha iyi nyubako, kandi iryo tsinda ry'Abamarayika, abo Bamarayika barindwi, mu ishusho ya piramide. . . Ni uko Guhinda Kurindwi kw'inyenyeri kuje? Ibyo byashoboka? Byasobanuwe mu buryo bwuzuye. Bijyanye n'inzozi ze, byararangiye neza. Bijyanye n'Ijambo ry'Imana, intumwa ya karindwi izarangiza. . . ubutumwa bwa karindwi buzaba burangiye. Nyuma, Guhinda Kurindwi kw'inkuba.

Noneho abona ibuye risoza rihindukiye; mu by'ukuri, abantu benshi ntibanazi ko hari Ibimenyetso Birindwi bigomba guhishurwa. Nasomye ibitabo byinshi abantu banditse ku Byahishuwe, kandi sinigeze numva babivuga. Banyuze hejuru. Ariko mwabwiwe ko byari ibyo! Sinzi ibyo ari byo! Byashobora kuba ari ibyo? Imana itugirire impuhwe. Niba ari ibyo, turi mu isaha ikomeye.

129 Noneho, akanya gato, Mwitegereze. Niba ariko bimeze, kandi niba ubwiru bwanditse kuri urwo rutare, nejejwe nokuba nicaranye n'abana b'Imana, abo Imana ishobora guha indoto zigasohora. Nejejwe no kwereka abo bagabo n'abagore bo mu rusengero rwo kwa Junior no muri uru rusengero, kwa Mwene Data Neville, kandi nabo ubwabo, ko hari abantu bicaye hano mu rusengero... Kandi Bibiliya iravuga iti: Bazarota mu minsi yanyuma." Noneho nguyu, mumurebe. Ibyo bijyanye n'Ijambo.

Mu gihe nta kintu nari nzi kuri ibyo, guturika kurumvikana, nonneho ubwo Abamarayika barindwi baturutse mu iteka. Naravuze nti "Mwami, ni iki Ushaka ko nkora? Ibyo ntibyavuzwe. Birashoboka ko ngomba bwa mbere kujya hakurya mbere yo kubona icyo ari cyo. Sinzi. Wenda si n'ibi. Sinzi. Ndavuga gusa nti "Noneho bibaye ari byo?" Niba bijyanye n'ibyanditswe, ibyo birasa n'ibyegereje cyane. Ntimutekereza?

130 Mwumve, mwumve noneho, Ibuye risoza ntiryasobanuwe. Murabona? "Kujya iburenerazuba, no kugaruka." Cyangwa ese ni ibi? Niba abo Bamarayika barindwi muri iryo tsinda, baje bansanga. . . Igihe tuzahura ku munsi w'umuzuko, muzabona ko ntabeshya. Imana ni Umucamanza wanjye.

Cyangwa ese ni iyo ngingo ya kabiri ikomeye navuzeho undi munsi? Hari ikintu runaka kijyiye kuza ku Itorero? Sinzi. Nshobora kuguma aho hejuru gake, ariko ngiye gukomeza.

Byashobora kuba ibyo? Uko Guhinda kw'inkuba gukomeye, cyangwa Marayika wa Karindwi, muri iryo tsinda ryari rifite barindwi, itsinda ry'igihe cya karindwi, rikoze piramide (bivuze batatu kuri buru ruhande n'umwe ku gasongero), kandi baturutse mu iteka. Ibyo byashoboka? Ese ni ubwiru bwo Guhinda kw'inkuba kuzagarura Ibuye risoza?

131 Kandi murazi, piramide ntiyigeze igira agasongero. Ibuye risoza kongera kuza. Ryarajugunnye. Ibyo byashoboka, bene Data na bashiki bacu?

Cyangwa ese ni uko gukururwa kwa gatatu Yambwiye hashize imyaka itatu cyangwa ine?

Gukururwa kwa mbere, muribuka icyabaye? Nagerageje kubisobanura. Yarambwiye iti "Ntubikore."

Gukururwa kwa kabiri, Yaravuze iti "Ntugerageze. . ." Kandi rwose narabiretse. Muribuka? Mwese murabyibuka, biri kuri bande, n'ibindi.

Nyuma Irambwira iti "Noneho, gukururwa kwa gatatu kuzaza, ariko ntuzagerageze kubisobanura." Murabona ukuntu mbivugaho, uyu mugoroba? Sinzi. Ariko ndumva mboshywe n'inshingano ku Itorero ryanjye zo kuvuga ikintu runaka. Mwifatire umwanzuro wanyu.

132 Noneho, bizaba ubwiru buzafungura. . . buzazana Krisitu, uzazana imbaraga ku Itorero? Murabona, twamaze. . . Twizera kwihana, umubatizo mu Izina rya Yesu Krisitu. Twizera igikorwa cyo kwacyira Umwuka Wera. Dufite ibimenyetso, ibintu bidasanzwe, ibitangaza, kuvuga mu ndimi, n'ibintu Itorero rya kera ryari rifite.

Kandi, mu by'ukuri, byarakozwe cyane rwose aha, muri iryo tsinda rito rimwe, bikozwe n'ubukozi buto cyane dufite aha, nk'ibyabaye mu Gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa. Bimeze gute ku byabaye ku isi yose? (Murabona?) Byinshi nk'ibyanditswe mu Gitabo cy'Ibyakozwe. . . Ni ubwoko bumwe - kuzuka kw'abapfuye. Mwibuke, Yesu Krisitu yazuye gusa hafi abantu batatu, kandi dufite ibyemeze (ibyemezo bya muganga) ku bantu batanu, murabona. "Imirimo Nkora, muzakora myinshi."

133 Nzi ko ubusobanuzi bw'Umwami Yakobo buvuga ibikomeye cyane, ariko, ntimwashobora gukora ikintu gikomeye cyane, ahubwo byinshi. Yari mu Muntu umwe gusa icyo gihe, ubu Ari mu Itorero ryose. Murabona? "Muzakora byinshi, kuko Ngiye kwa Data."

Niba ari ugukururwa kwa gatatu, ubwo hari ubukozi bukomeye imbere yacu. Sinzi. Sinshobora kubivuga. Si - sinzi.

Mukurikire. Gukururwa kwa gatatu. Duhagarare kuri ibyo umunota umwe. Mu iyerekwa, kuguruka kwa mbere kwari kugizwe n'inyoni ntoya ntumwa; byari igihe twatangiraga. Ibyo byarakuze bivuye ku gikorwa gito cyo gufata umuntu n'ikiganza. Kandi muribuka icyo Yambwiye? "Niba ufite umutima umenetse, igihe kizagera aho uzamenya ndetse amabanga y'imitima yabo." Ni bangahe bibuka igihe ibyo byavugwaga aha no mu gihugu cyose? Noneho ibyo byarabaye? Neza. Nyuma Aravuga ati "Ntutinye, Nzabana na we." Murabona? Kandi ibyo bizakomeza.

134 Nyamara, gukururwa kwa mbere, byari inyoni ntoya cyane, uko kuguruka. Zarakomeje, kugira ngo zijye guhura n'igihe, kugira ngo zihure no kuza k'Umwami - ubutumwa bwa mbere. Inshuro ya kabiri, byari amabanga y'umutima. Bwa mbere, byari ugufata umuntu n'ikiganza, guhagarara aho noneho nkamubwira icyo afite. Nyuma, ibyaha byabo birahishurwa, kandi bakabwirwa icyo bagombaga gukora, kandi. . . Ese ni byo? Noneho, ibyo byabaye neza nk'uko Imana yabivuze, kandi muri abahamya babyo, ndetse n'isi n'Itorero.

Igihe navugaga nti "Nabonye Marayika, kandi byari Umuriro w'ibara ry'icyatsi wakaga", abantu barasetse, noneho baravuze bati "Billy, ba umunyakuri." Ijisho ryagihanga kandi rifite amayobera ry'icyuma gifotora ryaramufotoye. Sinabeshyaga. Navugaga ukuri. Imana yarabihamirije.

Naravuze nti "Hari igicucu cy'umukara: ni urupfu; ni umukara; kandi ibyo ni umweru. Kimwe ni ubugingo, n'ikindi ni urupfu." Ngicyo kw'ifoto, aho inyuma. Ku buryo. . . Nk'uko George J. Lacy yabivuze ati "Ijisho rifatika ry'iyo kamera ntirizafata ibintu byo mu ntekerezo." Murankurikira?

135 Murebe, kuguruka kwa mbere guto - ikiganza. Ukwa kabiri kwari kunini cyane, umweru cyane - inuma, Umwuka Wera uhishuru amabanga y'umutima. Kandi kuguruka kwa gatatu, byari Abamarayika, si inyoni, Abamarayika! Kandi n'iherezo ry'igihe. Ni ibyo.

Bene Data, bizaba ari icyo gihe? Ese ni icyo gihe?

Noneho, mwumve mwitonze cyane, kandi ntimubisobanure nabi. Ndashaka kubabaza ikintu kimwe.

Tugaruke inyuma umunota umwe. Itorero rizi ko ari ukuri. Isi y'abanyabwenge izi ko ari ukuri. Kandi abantu bari aha uyu mugoroba, kandi benshi bakiriho bari bahagaze aha ku nkombe z'umugezi, igihe iryo Jwi ryumvikanishaga ayo magambo "Nk'uko Yohana yoherejwe afite Ubutumwa ku bwo kuza kwa mbere, ibi na byo ni Ubutumwa bwa kabiri bwo kuza kwa kabiri." Murabyibuka? Kandi niba byararangiye, ni iki Yohana yakoze? Yohana yari uvuga ati "Dore Umwana w'intama w'Imana ukuraho icyaha cy'isi. Ni We."

136 Iyo saha yarageze, bene Data? Simvuga ko ari ko bimeze. Simbizi. Ariko ndababaza ikibazo; ndashaka ko mutekereza. Cyangwa bizaba igihe ubwo hazongera kuba na none ibi ngo "Dore Umwana w'intama w'Imana", cyangwa igihe cya Malaki 4 cyo kugarura umutima w'abana ku kwizera kwa ba data? Bizaba guturika nk'uko - nk'uko ibintu bikomeye bizaba ku rwego rwo gukomeza Itorero ricika intege rimanuka, kandi ridashobora kumva ubwiru bw'Imana n'ibindi? Igihe bazumva urusaku rw'uko guturika gukomeye, ibyo bizagarura imitima yabo ku ya ba se, nk'uko Bibiliya ibivuga? Cyangwa ubwo, ni ubutumwa bwamaze kurangira bwagombye kuba bwarabikoze? Simbizi. Bagabo, ni ikimenyetso cy'iherezo ry'igihe. Cyangwa ni ikimenyetso ko byarangiye? Ibyo birangaragarira ko bijyanye n'ibyanditswe cyane. Simbizi.

137 Aho hari abo Bamarayika. Habayeho guturika, nko guhinda kw'inkuba, kwanyeganyije isi yose. Imana izi ko mvuga ukuri. Mwibuke gusa: Ikintu runaka kijyiye kuba. Sinzi icyo ari cyo. Ariko ibyo byashobora kuba ibi? Ni yo mpamvu mvuga nti "Mwitegure."

Dusenge. Gusenga gute? Dufata umwanya wacu mu gisirikare cy'abizera Bayo, kandi twitegura, kuko igihe gishobora kuba gishize kurusha uko tubitekereza. Muranzi kandi ku byo nzi, sinigeze mbabwira ikinyoma. Nk'uko Samweli yababwiye ati "Nigize mbabwira ikintu runaka, mu Izina ry'Umwami, kitabaye?" Noneho, ndababwira ubu ko ntazi icyo ari cyo; sinshobora kuvuga icyo ari cyo. Simbizi. Ariko ngiye kubabwira ukuri: mfite ubwoba. Nka mwene so wanyu, mfite ubwoba kuva ku wa gatandatu uheruka.

138 Wenda ni iherezo ry'igihe. Wenda ni igihe aho imikororombya igihe kwambukiranya ijuru, kandi itangazo rikava mu ijuru, rivuga riti "Ntihakiri igihe." Niba ari ibyo, twitegure, nshuti zanjye, gusanganira Imana yacu.

Noneho, twahunitse ibyo kurya ku bwinshi; tubikoreshe. Tubikoreshe ubu. Kandi, hamwe nanjye. . . kuri uru ruhimbi, ndatakambiri Imana nti "Mwami Yesu, ngirira impuhwe."

Nagerageje kubaho uko mbizi kose. Nagerageje kuzana mu buryo bwiza bushoboka bwose ubutumwa, mpereye ku Ijambo ry'Imana. Imana izi umutima wanjye. Ariko, igihe iryo tsinda ry'Abamarayika ryakuburaga aho hantu, nararemaye. Nanatakaje, mu gihe kirekire, kumva kose. Ndetse nyuma y'igihe kirekire, igihe nageragezaga kugenda mu cyumba, niyumvise nk'aho ndetse n'umusokoro wanjye ndetse n'ijosi ryanjye byari mu by'ukuri byaremaye, nta kumva na kumwe. Sinashoboraga kumva nu biganza byanjye. Nataye ubwenge umunsi wose. Na - najyiye gusa mu cyumba, noneho ndicara.

139 Ku cyumweru, naje aha kugira ngo mvuge, kandi na - nagerageje kubyibohora mvuga, ku wa mbere, byari bundi bushya bikiri aho. Kandi ni aha ubu. Simbizi; bagabo, simbizi. Ndi inyangamugayo gusa hamwe namwe, nka bene Data. Simbizi.

Ese ni - ese ni igihe? Ubuko-. . . ubwiru bwararangiye neza? Kubivuga byararangiye? Ese mu by'ukuri ni uko Guhinda Kurindwi kw'inkuba, kwenda kumvikanisha ikintu kizatuma itsinda rito yateranije ryakira ukwizera ku bw'umuzamuko, kugira ngo rizamurwe igihe Azagaruka? Kuko tuzahindurwa vuba nk'uko abo Bamarayika baje - mu kanya gato, mu guhumbya kw'ijisho - kandi twese hamwe tuzazamurwana hamwe n'abasinziriye, kugira ngo tujye gusanganira Umwami mu kirere.

Isengesho ryanjye ni: o Mana! niba ari ko bimeze. . . Simbizi, Mwami, nabibwiraga gusa Itorero. Niba ari ko bimeze, Mwami, tegura umutima wanjye. Dutegure, Mwami, ku bw'iyi saha ikomeye, mu gihe cy'amateka yose y'igihe, abahanuzi bose n'abanyabwenge bategereje.

Mwami, sinzi icyo kuvuga; nagira ubwoba bwo kuvuga nti "Ngwino, Mwami." Ndumva mfite isoni zanjye ubwanjye, iyo ndebye kandi nkabona isi mu mimerere irimo, kandi nkaba ntarakoze cyane kuri ibyo; ngira isoni zanjye ubwanjye. Niba hari ejo hazaza, Mwami, siga umutima wanjye; nsiga mu buryo bukomeye cyane, Data, kugira ngo nshobore gukora igishoboka cyose kugira ngo nzane abandi kuri Wowe. Ndi Uwawe.

140 Ndumva meza nka Yesaya mu rusengero icyo gihe; igihe yabonaga Abamarayika bagurukaga ku nguni imwe bajya ku yindi - bafite amababa atwikiriye mu maso yabo, atwikiriye ibirenge byabo, kandi bagakoresha ayandi kugira ngo baguruke - kandi baravugaga bati "Uwera, uwera, uwera." Yoo, mbega ukuntu uwo muhanuzi ukiri muto yanyeganyeze! Atangira gusaza. Kandi, igihe yabibonaga, nubwo hari habayeho amayerekwa, aterera hejuru ati "Ngushije ishyano!"

Data, wenda niyumvishije gutyo, igihe nabonaga abo Bamarayika undi mugoroba, cyangwa ahubwo ikindi gitondo. "Ngushije ishyano, kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi nkaba ntuye hagati y'ubwoko bwanduye!"

Data, nyeza; kandi dore ndi aha, ntuma, Mwami. Uko byanda kose. . . Mu gihe mpagaze kuri uru ruhimbi, cyangwa nahahagaze mu gihe cy'imyaka mirongo itatu. Niba hari ikintu runaka, Mwami, Ushaka ko nkora, dore ndahari. Nditeguye, Mwami. Ariko nshobore kubona imbabazi mu maso Yawe, kuko mbigusabye niyoroheje.

Ndasabira umukumbi muto Umwuka Wera yanshinze gucunga no kugaburira. Nakoze icyo nashoboye gukora cyose, Mwami, kugira ngo mbagaburire Umutsima w'Ubugingo. Nk'uko iri yerekwa ribisobanura, hashize imyaka myinshi, ryerekanaga iyo rido nini mu burengerazuba n'umusozi w'Umutsima w'Ubugingo. Icyo gitabo gito cyitwa ngo Sinasuzuguye iyerekwa ryo mu ijuru; n'icyo kintu cyose cyabaye, kandi gihishuye rwose imbere yacu.

141 Uri Imana, kandi nta yindi ihari uretse Wowe. Twakire, Mwami; tubabarire ibyaha byacu. Nihannye kutizera kwanjye kose no gukiranirwa kwanjye kose. Ndasengera ku gicaniro cy'Imana.

Mu gihe nje uyu mugoroba hamwe n'uru rusengero ruto imbere yanjye, mu kwizera tuzava muri iyi nyubako mu muzamuko, mu gihe twicaranye ahantu ho mu ijuru impande z'Intebe y'Imana. Imitima yacu yashyuhijwe inshuro nyinshi n'ibintu twakubonye ukora, n'ubwiru twakubonye uhishura. Ariko, Mwami, uyu mugoroba, ncitse intege mu buryo bwuzuye. Ngushije ishyano. Kandi nk'uko Yakobo, igihe yabonaga abo Bamarayika bamanukaga kandi bakazamuka urwego, aravuga ati "Ko aha hantu hatangaje! Kuko Inzu y'Imana iri aha." Ni aho hubatswe Beteli.

O Mana! abantu ntibumva ko. . . Batekereza ko hagombaga kuba ibyishimo byinshi, ariko, Mwami, mbega umunaniro, mbega ikintu gitangaje, ku kiremwa muntu, kwinjira imbere y'Ikiremwa cyo mu ijuru gikomeye kandi gishoboye byose!

Ndagusaba kubabarira uru rusengero rwanjye ruto, wontumye kuyobora. Bahe umugisha, Mwami. Nakoze bijyanye n'ibyo amayerekwa yavuze, inzozi n'ibindi byose, uko mbizi kose. Nashyize hamwe ku bwabo, Mwami, ubwoko bwose bw'ibiryo nashoboye. Uko bimeze kose, Mwami, turi Abawe. Twishyize mu biganza Byawe, Mwami. Tugirire imbabazi, tubabarire kandi uduhe kuba abahamya Bawe igihe cyose tukiri ku isi. Nyuma, igihe ubuzima buzarangira, uzatwakire mu Bwami Bwawe. Kuko tubigusabye mu Izina rya Yesu. Amina.

142 Buri umwe muri mwe, mweze umutima wanyu. Mujugunye byose, umutwaro wose. Muwushyire hanze y'inzira yanyu. Ntimugire icyo mutuma kibaca intege. Ntimugire ubwoba. Nta kintu na kimwe yashobora kwikorera. Niba Yesu agarutse, ni igihe cyane - igihe isi yose yifuje kandi yashatse. Niba ari ikintu cyenda kuba ubu, nko ku - kuza - kuza kw'impano nshya, bizaba bihebuje. Niba igihe cyarageze kugira ngo Guhinda Kurindwi kw'inkuba guhishurirwe Itorero (ukuntu bigenda), simbizi. Navuze gusa ibyo nabonye.

Yoo! yoo yoo! mbega igihe! Ni igihe cyo gutekereza mu buryo bukomeye kandi gifite akamaro. Niba ari igihe cyanjye cyo kugenda, ndi Uwawe, Mwami. Nurangize, uzaze, Mwami Yesu. Aho ibyo bishobora kubera; cyangwa igihe ibyo bishobora kubera, ndi Uwe. Simvuga ko nifuza kugenda; oya. Mfite umuryango wo kurera, mfite Ubutumwa bwiza bwo kubwiriza; ariko ibyo biterwa n'ubushake Bwayo, si ubwanjye. Ni ubushake Bwayo. Simbizi. Ndababwira gusa igishobora kuba. Uko byagenda kose, Imana izagisohoza. Ariko ndababwira ibyo nabonye n'ibyabaye. Icyo ibyo bisobanuye, simbizi. Ariko, bagabo, ibyo byashobora kuba iherezo?

143 Abo bantu bari aha ubu, abantu batandatu babonye izo nzozi. Ntibitangaje ko batabaye barindwi? Ntibitangaje cyane ko batandatu babanje, noneho nyuma y'uwo mwanya, hakaza iryo yerekwa? Abo bantu bari aha. Mwene Data Jackson uri aha yari umwe muri bo; mwene Data Parnell yari undi muri bo, mushiki wacu Collins, undi; mushiki wacu Steffy, undi; mwene Data Roberson, undi; na mwene Data Beeler, undi. Kandi Data wo mu ijuru azi ko hatabayeho inzozi zirenzeho zijyanye n'ibi. Ku iherezo kw'izo nzozi za karindwi (izari iza mushiki wacu Steffy), uwo mwanya iyerekwa riraza.

Murabona? Murabona impamvu ngiye? Murabona impamvu ngomba kugenda? Ngomba kubikora. Nshuti zanjye, ntimurebe kuri njye; ndi mwene So. Ntimunyiteho, kubera ko ndi umuntu upfa gusa. Ngomba gupfa nk'undi wese. Ntimunyumve, ahubwo mwumve icyo navuze. Icyo navuze ni Ubutumwa. Ntimwite ku ntumwa, mwitegereze Ubutumwa. Ntimurebe, ku ntumwa ahubwo ku Butumwa, icyo Buvuga. Ni cyo kintu cyonyine gikwiye kurebwaho. Kandi Imana idufashe, ni isengesho ryanjye.

144 Ndwanya - sinashatse kuza kubabwira ibi, ariko sinanashakaga kubahisha icyo ari cyo cyose. Noneho, uko mbizi kose. . . Mundeke mbabwire.

Uko mbizi kose, nzagenda mu minsi ibiri cyangwa itatu ije, ku wa gatatu mu gitondo, i - i Tucson. Singiye i Tucson kubwiriza; singiyeyo kubwiriza. Ngiye i Tucson kugira ngo nshyire mu mwanya umuryango wanjye no kujyana abana ku ishuli, nyuma mpinduke inzererezi.

Ngiye i Phoenix kugira ngo nzayobore urwo ruherererekane rw'amateraniro mato, nta gushidikanya bizaba ari ubutumwa buto gusa, noneho nyuma. . . wenda. . . Sinte. . . Ndatekereza ko bashaka ko nabwiriza nimugoroba mu nama. Nta kintu bavuze kuri ibyo, bavuze gusa ko nzaba mpari. Murabona, ibyo ntibigaragara neza cyane. Kandi mfite ijambo, NI KO UWITEKA AVUZE ku bwa mwene Data Shakarian ndetse. Sinzi icyo azahakora, ariko mfite ijambo ryo kumubwira. Sinzi icyo azakora; biramureba.

145 Mwabonye nimero iheruka ya Voice? Ntibitegetswe kuba idini, ahubwo batangaje indangakwemera yabo. Niba ari idini, noneho nzigendera. Ndi hanze y'ikintu nk'icyo.

Noneho, ndatekereza ko mwene Data Arganbright na mwene Data Role (w'intumwa ya leta ishinzwe imibanire wakoze mu gihe cy'abaperezida barindwi) bagomba kujya muri Afurika. Mwene Data Role, mwene Data Arganbright nanjye, tuzajya mu gihe gito muri Afurika ku bw'amateraniro - muri Afurika y'Epfo no muri Tanganyika na mwene Data Boze, kandi tuzakomeza tunyura nta gushidikanya muri Australiya, kandi tuzagaruka muri urwo ruhande, niba Umwami adafashe ikindi cyemezo. Ariko, mbere yo kugenda, nzagaruka aha.

Nyuma, nzagaruka mvuye aho, niba Imana itambwiye mu bundi buryo, nzafata umuryango wanjye noneho njye muri Anchorage, muri Alaska. Ubwo ni mu majyepfo y'iburengerazuba. Noneho ubwo, nzabasiga aho mu gihe cy'iki, igihe haba hashyushye cyane i Tucson, nubwo ibyo bibatwika uruhu. Sintekereza ko bashobora kubyihanganira. Bagira urukumbuzi cyane kandi bagacika intege. Ntitugurishije inzu yacu. Izaguma aho n'ibikoresho. Sinzi icyo gukora.

146 Nyuma, iki rikirangira, ndifuza, Imana nibishaka, kuva muri Alaska noneho nkaza ku nkengero za Denver, hagati mu burengerazuba. Nzajya mu majyepfo y'iburengerazuba, amajyaruguru y'iburengerazuba no hagati mu burengerazuba, mvuga n'ijwi rirenga nti “O Mwami! ni iki Ushaka ko nkora?”

Hagati aho, uko mbizi kose, buri butumwa buzabwirizwa aha, muri iki Gicaniro. Ni aha hazakorerwa amabande; ni aha mbona ibiro bikuru. Kandi simfite intego yo kuguma mu burengerazuba hamwe n'umuryango wanjye. Nzashaka kugeza mbonye icyo Imana ishaka ko nkora.

Niba iki kintu kitagiye mu mwanya uyu mwaka, noneho umwaka utaha, nta mazi n'ibyokurya, nzajya mu butayu, kandi nzategereza kugeza Impamagaye. Sinshobora gukomeza gutyo. Mugomba gukomeza. Mugomba kugera ahantu mushaka kumenya ubushake bw'Imana. Noneho ni gute mushobora gukora ubushake Bwayo mutabuzi? Ni ukuvuga ko nshaka noneho kuvumbura icyo bivuze, bijyanye n'iryo yerekwa n'ibyo mwabonye. Ngiye gukora urugenda nk'intumwa kandi nk'umuvugabutumwa, kugeza haje uwo muhamagaro.

Muribuka ibya mbere, igihe twashyiragaho iri buye rikomeza imfuruka? “Kora umurimo w'umuvugabutumwa”; wenda kugeza igihe kigeze ku bw'ikindi kintu, ku bw'iyindi mpinduka y'umurimo. Ibyo bishobora kuba ikindi kintu. Simbizi.

147 Murayikunda? Mube mubihamije mu by'ukuri, mubihamye rwose. Abakunda Umwami. . .

Abategereje Uwiteka

Biyiburura imbaraga zabo.

Bazazamuka n'amababa, nk'ibizu;

Baziruka, kandi ntibazananirwa,

. . . bazagenda, kandi ntibazacika intege

Yoo! nyigisha, Mwami, nyigisha,'

Mwami, gutegereza.

Ndamukunda, kandi nzi ko mumukunda.

Noneho, ejo nimugoroba. . . Ndatekereza ko nabisobanuye neza mu buryo buhagije. (Sibyo?), neza kuburyo bushoboka. Ni byo nshobora gusa. Ni byo nshoboye gusa kuvuga; sinzi aho ari ho - aho ngiye; si - sinzi ikijyiye kuba. Ndi - ndi gusa. . . Ibyo nzi gusa, ni uko ngiye, n'ubuntu bw'Imana. Noneho ubwo wenda Izambwira ibyo ari byo igihe nzagera aho. Ariko icyo ngomba gukora ubu, ni ukugenda. Wenda sinzamara aho ibyumweru bibiri nzibona wenda ahandi hantu, wenda ngaruke aha. Ni byo. Sinzi, ariko na. . . Iryo yerekwa ryanarebaga umugore wanjye n'abana banjye; kandi ikintu cyari gihari, byari. . . Nari ndi mu mudoka ifunguye noneho, ku munota ninjiraga aho imbere, byari. . . nari ndi mu ivatiri yanjye. Kandi ni gutyo tuzagenda mu minsi ibiri hafi, tutazi aho tujyiye n'icyo tujyiye gukora tumaze kuhagera, ariko tugenda gusa.

Imana ntisanzwe kuri twe, kubera ko inzira Zayo ziri kure y'ibisobanuro byose. Ishaka kubahwa.

"Ujyiye he?"

"Si umurimo wawe, komeza gusa ugende."

"Mwami, ni iki Ushaka ko nkora?"

"Ibyo ntibikureba; wowe, nkurikira. Komeza gusa ugende."

"Ni he nzahagarara?"

"Ibyo bishobora kugutwara iki? Komeza gusa ugende."

148 Ku bw'ibyo, ndagiye, mu Izina rya Yesu Krisitu. Amina.

Ndamukunda, ndamukunda,

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Na. . . (Ni ubuzima bwanjye.)

Na. . . (Ni yo mpamvu yanjye yose yo kubaho.)

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Bagabo, icyo gihe cyarageze

[Mwene Data Branham aririmbira mu menyo Ndamukunda.]

Mu gihe tuyiririmba na none, mufate ikiganza umuntu uri iruhande rwanyu, noneho muvuge muti "Mwene Data, mushiki wacu, munsengere. Ndabasengera."

Na. . . (Mudusengere.). . . (Vuba cyane. . .?. . . Mwene Data, munsengere. Munsengere, bene Data. Mudusengere.)

Kandi akandonkera agakiza kanjye. . . (Munsengere. Munsengere.)

Ku giti cy'i Karuvari.

Kuko mukunda. . . (Tuzamure noneho ibiganza byacu kuri We.)

Na. . . (Urukundo rw'ukuri)

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Yego, ndamukunda (n'umutima wanjye wose),

Ndamukunda,

Kubera. . . (Ubu ni igihe)

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Mu gihe tuyiririmba na none, mufate ikiganza umuntu uri iruhande rwanyu, noneho muvuge muti "Mwene Data, mushiki wacu, munsengere. Ndabasengera."

Na. . . (Mudusengere.). . . (Vuba cyane. . .?. . . Mwene Data, munsengere. Munsengere, bene Data. Mudusengere.)

Kandi akandonkera agakiza kanjye. . . (Munsengere. Munsengere.)

Ku giti cy'i Karuvari.

Kuko mukunda. . . (Tuzamure noneho ibiganza byacu kuri We.)

Na. . . (Urukundo rw'ukuri)

Kubera ko Yabanje kunkunda

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Yego, ndamukunda (n'umutima wanjye wose),

Ndamukunda,

Kubera. . . (Ubu ni igihe)

Kandi akandonkera agakiza kanjye

Ku giti cy'i Karuvari.

Mukurikire mwene Data Neville. Nsubiyeyo. Mutangaze isaha y'amateraniro.

MESSAGE online hub

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7